# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-38 | TARIKI 4 - 10 UGUSHYINGO 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA | TEL: +250 785 474 045 | E-mail: info@rpc.rw





AMAKURU

MINICOM na MININFRA basobanuye impamvu z'izamuka ry'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli



2

AMAKURU

Iterambere ntiritumizwa mu mahanga- Perezida Kagame



4

AMAKURU

Sr. Murekatete yacyeje Abenebikira bahishe Abatutsi i Butare muri Jenoside



6

MUNTARA

Abayobozi b'ibigo by'amashuri bashishikarijwekwita ku micungire y'ibigo



17

# Iby'amasezerano na RDC birimo uburiganya bwinshi- Perezida Kagame



Perezida Kagame yagaragaje ko u Rwanda rwamaze guca umurongo wo kutihanganira icyahungabanya umutekano warwo

***Perezida Paul Kagame yavuze ku masezerano u Rwanda rusinyana na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) arimo uburiganya bwinshi, ariko ko u Rwanda rwamaze guca umurongo kera ku kutihanganira icyo ari cyo cyose cyahungabanya umutekano warwo.***

Yabivuzeho mu Nkera y'Abahizi yanitabiriwe na Madamu Jeannette Kagame akaba n'Umuyobozi Mukuru w'Umuryango Unity Club Intwararumuri. Hari mu birori byo gusoza Ihuriro rya 18 rya Unity Club Intwararumuri ku wa 8 Ugushyingo 2025.

Ni igitaramo cyitabiriwe n'abayobozi mu nzego

KOMEZA KU RUP.3

# Ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda bugeze hejuru ya 95%

NTAWITONDA JEAN CLAUDE

***Raporo nshya yatangajwe na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), yagaragaje ko igipimo cy'ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda cyazamutse kikagera kuri 95,3% kivuye kuri 94,7% cyabarurwaga mu mwaka wa 2010.***

Iyo mibare yagarutsweho mu Ihuriro rya 18 rya Unity Club Intwararumuri ku wa Gatandatu tariki ya 8 Ugushyingo 2025, ikaba ishimangira ko icyo gipimo cyazamutse ku kigero cya 13% kuva mu mwaka wa 2010.

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyrwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr. Bizimana Jean Damascene, yashimangiye ko iyo mibare igaragaza intambwe ikomeje guterwa mu kongera

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# MINICOM na MININFRA basobanuye impamvu z'izamuka ry'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli

NYIRANEZA Judith

***Minisiteri w'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) na Minisiteri y'Ibikorwa Remezo, zasobanuye impamvu zatumye ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli bizamuka, banagaragaza ko iryo zamuka ritazagira ingaruka cyane ku biciro by'ibicuruzwa bitewe n'ingamba Leta yashyizeho.***

Byagarutsweho mu wa Gatanu tariki ya 7 Ugushyingo 2025, nyuma y'uko hari hatangajwe ibiciro bishya ku bikomoka kuri peteroli, aho Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura Imikorere y'Inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro (RURA) rwatangaje ko litiro ya lisansi yashyizwe ku 1 989 Frw ivuye ku 1 862Frw naho litiro ya mazutu yashyizwe ku 1 900 Frw ivuye ku 1 808 Frw.

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda Prudence Sebahizi, yasobanuye ko nubwo habayeho izamuka ry'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli, by'umwihariko igiciro cya mazutu kitazatuma habaho n'izamuka ry'ibiciro by'ibicuruzwa, kuko yazamutse ku kigero gito cya 5% kuri litiro.

Yagize ati: "Impamvu dukunze guhuza ibiciro bya peteroli n'ibiciro by'ibicuruzwa muri rusange ni ubwikorezi, bukoresha imodoka zinywa mazutu kandi Leta yigomwe byinshi ngo mazutu itazamuka cyane, yazamutse ku kigero cya 5% ugereranyije nuko yashoboraga kuzamuka iyo Leta itigomwa byinshi, nta gikuba cyacika ku bijyanye n'ibiciro. Ntabwo rero twiteze impinduka ku biciro by'ibiribwa."

Yongeyeho ati: "Iryo zamuka rya 5% ku giciro cya litiro ya mazutu, iyo ugishyize ku ijanisha ku giciro cy'ibicuruzwa usanga ari akantu gato cyane, ni ukuvuga ngo mazutu yiyongereyeho 5% kuri litiro, litiro yatwara toni ibilometero bingahe? Iyo ubigereranyije usanga iryo hinduka nta n'uburyo warishyira ku giciro cy'ibicuruzwa, birumvikana ariko ntibizabura."

Ku bijyanye n'ingamba zo kurinda ihindagurika ry'ibiciro ku biribwa, Minisitiri Sebahizi yavuze ko ubusanzwe ibiciro bya peteroli bigira ingaruka no ku bindi biciro, ariko ko Leta yafashe ingamba zirengera umuguzi.



Minisitiri wa MINICOM Sebahizi Prudence n'Umunyamabanga wa Leta muri MININFRA, Jean de Dieu Uwihanganye bagaragaje impamvu z'izamuka ry'ibiciro

Ati: "Ibiciro bya Petroli ni byo bigira ingaruka ku bindi biciro. Ubundi mu Rwanda iyo dutumije peteroli hanze bitwara amezi 2. Kugira ngo tubashe guhangana n'ihindagurika ry'ibiciro mpuzamahanga bidusaba ko igihe ibiciro ku isoko mpuzamahanga byagabanyutse tuba dushobora kubika peteroli nyinshi, turimo kongera ububiko bwa peteroli."

## Hazabaho izamuka ry'ibiciro by'ingendo

Ku ruhande rw'ibijyanye n'izamuka ry'Ibiciro by'ingendo, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo, (MININFRA) yasobanuye impamvu z'izamuka ry'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli, hanagaragazwa ingamba zihari mu guhangana n'iryo zamuka hagamijwe ko bitaremerera Abanyarwanda.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo Jean de Dieu Uwihanganye, yavuze ko impinduka n'izamuka ry'ibiciro ku bikomoka kuri Peteroli, biterwa n'impamvu nyinshi, izamuka ry'Igiciro nko kuri lisansi hazamutseho 127Frw, kuri mazutu hazamukaho 92 Frw.

Yagize ati: "Ubundi impinduka ziterwa n'ibintu byinshi, ariko kuri iki gihe byatewe n'izamuka ry'ibiciro cy'ubwikorezi kuva ku cyambu dukoresha cyane cy'Umuhora wo Hagati kugera mu Rwanda, bigendanye n'ibibazo byari muri iyo nzira, muri uwo muhora muri iyi minsi byatumye ingendo zitagenda neza nk'uko bisanzwe, habaho gukererwa kw'abari baratumije ibyo bicuruzwa ari byo bizamura igiciro."

Ku birebana no kuba ibiciro by'ingendo byazamuka, Umunyamabanga wa Leta muri MININFRA, Uwihanganye yavuze ko mu Mujyi wa Kigali bizazamukaho gato, kandi mu Ntara ibiciro bizaganirwaho kuko n'ubundi ho hari hashize igihe bidahindurwa.

Ati: "Mu bwikorezi mu mijyi cyane cyane mu Mujyi wa Kigali, byari byaravuguruwe mu minsi yashize, niyo byazamuka si cyane ntibizarenga 1%, ariko ahahuza imijyi uva Kigali ujya mu Ntara zitandukanye ho hari hashize igihe, n'ubundi mu gihe gito abantu bazabyigaho ngo dufashe abatanga iyo serivisi ngo bagere ku rwego rwo gutanga serivisi neza."

Yakomeje asobanura ko bitazamutse cyane kuko Leta hari ibyo yigomwe.

Ati: "Ukurikije ibyo dusanzwe tugenderaho, ibiciro ku masoko byagombye kuba bizamuka cyane, ariko Leta y'u Rwanda yemeye kwigomwa igice kinini cy'ibyari kuzamuka, kugira ngo ifatanye n'Abanyarwanda bitazamuka cyane cyane kuri mazutu kuko tuzi ko ari yo ikoreshwa cyane mu bwikorezi rusange, mu bantu bikorera ibicuruzwa n'ibindi."

Ikindi yagarutseho ni uko n'igiciro cy'ibikomoka kuri peteroli ku isoko mpuzamahanga kiba cyazamutse, ndetse n'agaciro k'ifaranga mpuzamahanga.

Ati: "Igiciro cya peteroli ku isoko mpuzamahanga cyarazamutse, ifaranga ryacu ugereranyije n'ifaranga mpuzamahanga nabyo bibigiramo uruhare. Byakabaye biri hejuru cyane [...] Ubundi ureba icyo giciro cy'urugendo ari uruva ku cyambu kugera mu Rwanda n'uruva aho ibikomoka kuri petroli rujya ku cyambu, habaho kureba agaciro k'ifaranga ryacu n'iry'agaciro mpuzamahanga."

Hari ingamba zafashwe mu rwego rwo guhangana n'izamuka ry'ibiciro ku bicuruzwa, harimo kongera ububiko bw'ibikomoka kuri peteroli, kuganira na Leta ya Kenya hakaba hakoreshwa umuyoboro wa peteroli ugera ahitwa Eldoret, gukoresha imodoka z'amashanyarazi, kongera umusaruro w'imbere mu gihugu hakagabanywa ibitumizwa hanze.

Mu rwego rwo kurinda umuturage kuko mu bwikorezi rusange akenshi hakoreshwa mazutu akaba ari nayo mpamvu kuri mazutu igiciro kitazamutse cyane.



Hagaragajwe impamvu zatumye ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli bizamuka n'ingamba zituma ibiciro by'ibicuruzwa bitazazamuka cyane





# Iby'amasezerano na RDC birimo uburiganya bwinshi- Perezida Kagame

IBIKURIKIRA URUP.1

zitandukanye ndetse n'abanyamuryango ba Unity Club by'umwihariko.

Mu butumwa bwe, yagize ati: "Ibyo by'amasezerano birimo uburiganya bwinshi. Byose dukora, tuvuga, tubana n'abandi, turwana n'abandi, twaciye umurongo kera. Ni ukuvuga ngo igihugungabanya u Rwanda cyo ntabwo twacyihanganira."

Umukuru w'Igihugu Paul Kagame yavuze ko u Rwanda nk'Igihugu, kitari mu kirwa cyonyine, ahubwo gituranye n'ibindi bihugu bya Afurika.

Ati "Nta gihugu kibaho nk'ikirwa, igihugu kibaho kikabana n'ibindi."

Yavuze ko Abanyarwanda n'Abanyafurika muri rusange bagomba gushaka umuti w'ibibazo bituma basigara inyuma.

Ati "Ikibazo muri twe tugomba kugishakira umuti byanze bikunze, kuko abantu bose bagera aho bakavuga ko bashaka gutera imbere, bashaka kuba neza.

Niba ari byo, bikorere kandi birashoboka, wabigeraho, ariko umuntu nabaza impamvu nyuma y'imyaka 50, twaba turi aho dusabiriza [...]."

Perezida Kagame yibukije Abanyarwanda ko nta gihugu cyakizwa no gusabiriza. Ati: "Nimumbwire mu bice by'Isi byose muzi, mumpe urugero rw'Igihugu abantu bakijijwe n'imiryango itari iya leta? Cyangwa se hari uwakijijwe no gusabiriza kandi ukabona gusabiriza ntabwo bimuteye isoni n'uwo usaba ndetse ukamureba igitsure nk'aho hari icyo agomba kukwishyura.

Ibyo abayobozi twicaye hano, tubyumva gute? Tubisobanura gute? Icyo kibazo tudakora tugishakira umuti n'ibi byose tuvuga, dukora cyangwa tuganira biba amagambo gusa."

Yakomeje ati "Ubuzima bwacu bwo dushaka kubaho ni ikintu twaberaho cyangwa tukagipfira."

Yavuze ko abantu badakwiye kubaho barihebye, bumva ko batazagera ku iterambere ahubwo ko bakwiye guharanira kubaho ubuzima bwiza kandi nta gutega amaso abandi.

Ati: "Impamvu uhitamo uko ushaka kubaho, ntabwo impamvu yawe yaba gukesha kubaho kwawe, ubuzima cyangwa imibereho y'abandi, uhora ubateze amaso ko ari bo bagomba kukubeshaho, ariko bibaye n'ibyo kuki bo batagutega amaso kugira ngo babeho cyangwa kuki buri wese atareba undi ngo amubonemo ibishobora kumubeshaho?"

# Ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda bugeze hejuru ya 95%

IBIKURIKIRA URUP.1

kubaka icyizere cy'Igihugu, kwimakaza ubumwe, ubwiyunge n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda.

Raporo nshya yagaragaje imbogamizi zikigaragara ndetse inakomoza ku gisubizo cyatuma u Rwanda rurushaho gusigasira ubumwe n'ubudaheranwa, harimo gutoza abato indangagaciro z'umuco Nyarwanda, kubigisha Ikinyarwanda, amateka y'Igihugu, no kubashishikariza kwitabira amahuriro ahuza Abanyarwanda n'imiryango igaruka ku gusigasira ubunyarwanda.

Dr. Minisitiri Dr. Bizimana yavuze ko ubwo bushakashatsi bwakozwe ari ingirakamaro cyane mu gukurikirana aho igipimo cy'ubumwe, ubwiyunge n'ubudaheranwa kigeze, ariko bunagaragaza ibikwiriye gukosoka n'ahakwiye kongerwa imbaraga mu kurushaho kwimakaza imibanire y'Abanyarwanda.

Yagize ati: "Ikigero cy'Ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda kigeze ku rwego rushimishije cyane. Ibipimo byagaragaje impinduka nziza kandi zihoraho, kuko byavuye kuri 82,3% mu 2010 bikabera kuri 92,5% mu 2015, none bigeze uri 95,3% mu 2025.




Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr. Bizimana Jean Damascene

Ubushakashatsi bwakozwe hashingiwe ku nkingi eshatu ari zo Ubumwe, Ubwiyunge n'Ubudaheranwa.

Dr. Bizimana yakomeje agira ati: "Ubumwe n'ubwiyunge buracyari inkinga ya mwamba kubera ko bufite aho buhurira n'imibanire mu miryango, amateka dusangiye ndetse n'imbaraga Abanyarwanda bashyize mu kongera kwiyubaka nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi. Ubudaheranwa bwongereweho kubera ko ari wo musingi w'ubumwe n'ubwiyunge."

Ubu bushakashatsi bwakorewe ku bantu 12.300 mu bice bitandukanye by'Igihugu, bari mu byiciro binyuranye, imirimo itandukanye, iyobokamana, ibyiciro by'imyaka ndetse n'ibitsina bitandukanye.

Dr. Bizimana yavuze ko umwanzuro wo kongera ibipimo washingiye ku ngorane zikomeza kubangamira ubumwe n'ubwiyunge, harimo urugomo rukorerwa abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, ikwirakwira ry'ingengabitekerezo ya Jenoside ku mbuga nkoranyambaga by'umwihariko hanze y'u Rwanda, n'imyumvire y'uburozi ikiri mu miryango ishingiye ku iyobokamana, ikendera ry'indangagaciro nyarwanda mu rubyiruko n'ibindi.

Muri rusange, raporo yatanze ishusho y'uburyo Abanyarwanda basobanura ubumwe, ubwiyunge n'isano y'ubunyarwanda basangiye.

Inkingi y'Ubumwe yagize amanota 95,6%, Ubwiyunge igira 95%, Ubutwari no Gukunda Igihugu igira 98,7%, mu gihe Imigenzo nyarwanda, imyemerere na kirazira bitanga umusanzu ku kigero cya 97,9%.

Abanyarwanda bizera ko basangiye igisekuru kimwe bari ku kigero cya 96,8%, abemera ko indangagaciro zigira uruhare mu kwimakaza ubumwe bari ku kigero cya 95,9%, mu gihe abizera ko Jenoside yakorewe Abatutsi yasenye ubumwe bari ku kigero cya 92,6%.

Uruhare rw'amashyaka ya Politiki, repubulika ya mbere n'iya kabiri mu gutandukanya abaturage byabariwe ku manota 91% mu gihe uruhare rwo kwibuka Jenoside mu kubaka ubumwe n'ubwiyunge rugeze kuri 99%.

Imibanire y'abaturage igeze kuri 98,5%, kudaheza n'ubwisanzure mu muryango nyarwanda biracyari kuri 95,9%, na ho ubufatanye mu kwitabira koperative n'amatsinda yo kwizigama hatitawe ku nkomoko y'abayagize biracyari kuri 94%.

Hagati aho uburenganzira bungana ku Banyarwanda bose bwagize 92%, ndetse no kumva amateka kimwe no guhuza icyerekezo cy'ahazaza bihagaze ku kigero cya 90,6%.

Ubwo bushakashatsi bwakozwe kandi bwagaragaje ko 45,1% by'ababajijwe bizera ko ibikomere byasizwe na Jenoside yakorewe Abatutsi bitarakira mu bayirokotse, bikaba bishimangira neza ubushakashatsi bwakozwe na Unity Club mu mwaka wa 2023 bwagaragaje ko gukira ibikomere mu rubyiruko rw'abarokotse Jenoside bikiri ku kigero cya 31%.

Gusa ku ruhande rumwe, 23% by'ababajijwe bagaragaje ko ingengabitekerezo ya Jenoside igihari mu gihe 38% bo bavuze ko hari abantu bakomeje kugendera ku ngengabitekerezo y'ivangura n'ishingiye ku moko.

MINUBUMWE igaragaza impungenge z'imbuga nkoranyambaga zikomeza gukoreshwa nabi mu kugoreka amateka y'u Rwanda no gukwirakwiza amakuru y'ibihuha, kuyobya abantu cyane cyane urubyiruko rutanyuze muri ayo mateka.

Izo mbuga ngo ni izikoreshwa n'ababa hanze y'u Rwanda by'umwihariko, bakomeza guhindura ukuri maze bagasubiza inyuma urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge mu Gihugu.

# Iterambere ntiritumizwa mu mahanga- Perezida Kagame




**Perezida Paul Kagame yerekanye urugendo rw'iterambere n'impinduka u Rwanda rwanyuzemo ndetse n'inkingi z'imiyoborere zituma Abanyarwanda bagera ku iterambere**

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yavuze ko iterambere ry'imibereho y'abaturage ari urugendo ruhoraho, ashimangira ko ridashobora gutumizwa mu mahanga, bityo hakwiye gukomeza gushyirwa imbaraga mu guharanira kujya mu cyerekezo kizima.***

Yakomeje ahamya ko iyo myumvire ari yo yayoboye urugendo rw'iterambere ry'u Rwanda, ari: "Gahunda zo kurinda umuturage, uruhare rwabo mu bibakorerwa no kubazwa inshingano ni bypo bikubiye mu buryo tuyobora. Buri mwanzuro wa Politiki ufatwa n'inzego zacu uba ugamije kwimakaza ubuzima bwiza."

Mu butamwa yagejeje ku bitabiriye Inama Mpuzamahanga y'iminsi ine i Doha muri Qatar ku wa Kabiri tariki ya 4 Ugushyingo 2025, Perezida Kagame yeretse ibihugu bihuriye mu Muryango w'Abibumbye ko bikwiye guharanira ko inyungu zigenewe abaturage bazibona nta n'umwe uhejwe kugira ngo bose batere imbere.

Perezida Kagame yavuze ko mu myaka 30 ishize habaye inama nk'iyo mu Mujyi wa Copenhagen hakaba harakozwe byinshi bigamije kurandura ubukene bukabije ku Isi, byongera uburyo bwo kubona uburezi, guteza imbere ubuvuzi, n'umutekano w'abaturage.

Yagize ati: "Nubwo bimeze bityo, hari abaturage mu bihugu bitandukanye babarirwa muri za miliyoni bakomeje kugorwa no kubona ibyo bakeneye. Izo mbogamizi ntabwo ari nshya, kandi inzego z'ubuyobozi ntabwo zishyira imbaraga zihagije mu kubikemura".

Umukuru w'Igihugu yavuze ko iterambere ry'abaturage risaba urugendo rurerure, ashimangira ko abayobozi bakwiye kubigira ibyabo hagashakwa uburyo bwo kubikemura.

Ati: "Uburyo bwiza bwo kubigeraho ni uguhitamo icyerekezo kimwe kandi hagashingirwa ku bimaze kugerwaho. Kugera ku ntego wihaye bishingira kuri byinshi ariko kubakira ubushobozi abaturage hagamijwe iterambere bigashyirwa mu by'ingenzi. Kugira iterambere rirambye ntabwo bizazanwa n'abo hanze y'ibihugu byacu."

Yongeyeho ati: "Iterambere ry'u Rwanda rishingiye ku kubungabunga umutekano w'abaturage, bakagira uruhare mu bibakorerwa no kubazwa inshingano hashingiwe ku buryo tuyobora."

Perezida Kagame yashimangiye ko buri gahunda yose igamije iterambere mu nzego zose zo ku Isi, ikwiye kujyanishwa n'ibigezweho kugira ngo itange umusaruro.

Ati: "Tugomba kureka gushingira ku ngamba zataye igihe, ziheza abenshi mu batuye Isi. Dukwiye gushyiraho uburyo bunoze bwo gushyiraho ingamba zihamye kandi zikemura ibibazo ku gihe."

Yunzemo ati: "Buri kintu cyose ntabwo gikwiye kuba ari ingenzi, Isi ihinduka byihuse, tugomba kwitegura guhangana n'imbogamizi zizaza mu gihe kiri imbere kandi tukiyemeza kuzitsinda".

Yakomeje avuga ko inzego z'ubuyobozi zishinzwe gukemura ibibazo by'abaturage zikwiye gukorera ku ntego zihamye, hagashyirwaho urubuga rwagutse rwo gukemura ibibazo, ubundi bagatera imbere.

Ati: "Niba koko dushaka iterambere nyaryo, ibyo dukora byose bigomba gushingira ku byo ibihugu byose bikeneye, ntibibe ibyagenewe bike gusa,"

Yakomeje ashimangira ko ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye bikwiye gushyiraho uburyo buhamye bwo gukorana n'abafatanyabikorwa mu iterambere rirambye ry'ahazaza kandi rikagera kuri bose.



**U Rwanda n'u Bushinwa byasinyanye amasezerano y'imikoranire**

# U Rwanda n'u Bushinwa byasinyanye amasezerano yo kwagura ubufatanye

**KAMALIZA Agnes**

***Guverinoma y'u Rwanda n'iy'u Bushinwa byasinyanye amasezerano agamije kwagura ubufatanye mu ishoramari, ubucuruzi n'ikoranabuhanga hagati y'ibihugu byombi.***

Ni amasezerano yashyizweho umukono n'abahagarariye Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) n'Ikigo giteza imbere ishoramari ry'Abashinwa baba mu mahanga, (Hongqiao Overseas Chinese Business Association Expo and Trade Promotion Center).

Ayo masezerano yasinyiwe mu Imurikabikorwa Mpuzamahanga ku byinjizwa mu Bushinwa (China International Import Expo: CIIE) riri kubera i Shanghai mu Bushinwa, kuva ku wa 05 Ugushyingo 2025 kugeza ku wa 10.

Aya masezerano yitezweho gukomeza ubufatanye, akaba urubuga rwo kureshya abashoramari b'Abashinwa mu Rwanda, guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda byoherezwa mu Bushinwa no gushyigikira iterambere ry'inganda ndetse n'ubukungu bushingiye ku ikoranabuhanga.

Mbere y'uko iryo murikagurisha ritangira ku wa 04 Ugushyingo, Ambasade y'u Rwanda mu Bushinwa yatangaje ko igiye gushyira umukono ku masezerano yorohereza abahinzi ba avoka kuzohereza mu Bushinwa nyuma yo gusanga ibicuruzwa by'u Rwanda bikunzwe muri icyo gihugu.

U Rwanda rwitabiriye icyo gikorwa, ruri kumurika ibicuruzwa birimo ikawa, icyayi, ubuki, urusenda, macadamia n'ibindi byoherezwa mu Bushinwa.

Iyo Ambasade yagaragaje ko CIIE iha u Rwanda amahirwe yo kugaragaza ubushobozi bwarwo mu nzego zitandukanye nk'ubucuruzi, ishoramari, ubukerarugendo, guteza imbere umuco ndetse n'ibindi bigaragaza uburyo igihugu gikomeje gutera imbere.

U Rwanda rukomeje guteza imbere imikoranire yarwo n'u Bushinwa mu ngeri zitandukanye ndetse ibicuruzwa u Rwanda rwohereza muri icyo gihugu byarazamutse aho byavuye kuri miliyoni 35 z'Amadolari ya Amerika (arenga miliyari 50 Rwf) mu 2019, bikagera kuri miliyoni 160.6 z'amadolari mu 2024.





# Perezida Kagame yakiriye abajyanama ba USA mu by'iyobokamana



**Perezida Paul Kagame na Madamu Jeannette Kagame bakiriye Paula White, Umujyanama Mukuru mu by'Iyobokamana mu biro bya Perezida wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika**

**ZIGAMA Theoneste**

***Ku mugoroba wo ku wa Kane tariki ya 6 Ugushyingo 2025, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame na Madamu Jeannette Kagame bakiriye mu biro Village Urugwiro Paula White, Umujyanama Mukuru mu by'iyobokamana mu biro bya Perezida wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika (White House Faith Office).***

Uwo muyobozi yari aherekejwe na Jennifer Korn Sporment, Umuyobozi w'Ibiro bya Perezida wa USA, bishinzwe iyobokamana n'abandi bayobozi barimo Jonathan Cain; Bradley Knight; musenyeri Nicholas Duncan-Williams; Rosa Whitaker Duncan-Williams; Joel Duncan-Williams; na Chekinah Olivier bakaba basangiye n'ifunguro ry'umugoroba.

Bagiranye ibiganiro banasangira ubumenyi ku ndangagaciro zishingiye ku iyobokamana, guteza amahoro no kwimakaza imiyoborere myiza.

Bagarutse kandi ku buryo bwo gukemura ibibazo byugarije akarere n'Isi muri rusange.

Ibiro Bikuru bya Perezida wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika (Executive Office of the President (EOP) byitwa White House Faith Office byashinzwe mu kwezi kwa Gashyantare uyu mwaka, aho byahawe inshingano nyamukuru mu rwego rwa Guverinoma zo gushishikariza no gufasha imiryango ishingiye ku myerere, imiryango nterankunga n'imiryango y'iyobokamana kugira uruhare mu gufasha abaturage muri gahunda zinyuranye ziteza imbere imibereho myiza.

# Kuri twe intero n'inyikirizo izakomeza kuba Ndi Umunyarwanda- Madamu Jeannette Kagame

**KAYITARE Jean Paul**

***Umuyobozi Mukuru w'Umuryango Unity Club Intwararumuri, Madamu Jeannette Kagame, yavuze ko Ndi Umunyarwanda izakomeza kuba intero n'inyikirizo mu Rwanda hagamijwe kwimakaza ubumwe bw'Abanyarwanda.***

Ni ingingo yagarutseho kuri uyu wa 8 Ugushyingo 2025, mu ijambo yagejeje ku bitabiriye Ihuriro ngarukamwaka rya 18 rya Unity Club Intwararumuri ryaberaga ku Intare Arena Conference.

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti 'Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo ngenga cy'ukubaho kwacu.'

Ubutumwa bwe, Madamu Jeannette Kagame yavuze ko abanyamuryango ba Unity Club bagaragaje ko irenze kuba ihuriro, ahubwo bose yababereye urumuri ruyobora intambwe zabo mu mitekerereze, imigirire, n'imibereho bahisemo.

Yakomeje agira ati: "Kuri twebwe, intero n'inyikirizo izakomeza kuba Ndi Umunyarwanda. Ishingiro ry'ubumwe bwacu, ni inzozi dusangiye; dusangiye umuco, dusangiye ururimi, dusangiye Igihugu n'Imana y'u Rwanda kandi ikaba imwe."

Gusenyera umugozi umwe, gutegana amatwi, kungurana ibitekerezo, ibi byose bigize ipfundo ry'ubumwe bw'Abanyarwanda, Jeannette Kagame avuga ko buberera imbuto z'ubudasa n'ubushishozi.

Ati: "Kuba iterambere tugezeho riri ku rwego rushimishije, ndetse tukaba dufite n'umudendezo wo kubaho twunze ubumwe, ntibikwiye kutwibagiza intambara zitugose muri aka gace kacu, ndetse n'ahandi henshi ku Isi."

Yagaragaje ko hadutse mu buryo buteye impungenge kwimakaza inzangano zishingiye ku mitandukanire mu biranga abantu, bikaba urwitwazo rw'ababifitemo inyungu kugira ngo bababibemo inzangano.

Umwihariko wa Unity Club ni ubutwari bwo guha umwanya ibiganiro bisa nk'aho bigoye kuri benshi. Iyo bahuye bakaganira, n'uko ngo bazi neza ko guceceka bishobora kubagiraho ingaruka zikomeye.

Agira ati: "Twambuwe ubusesenguzi bw'amateka y'umugabane wacu wa Afurika, natwe turabyemera. Guceceka kwacu, byabereye abatatwifuriza ineza, intwaro bifashisha bagoreka amateka yacu, rimwe na rimwe ugasanga hari bamwe muri twe bayoboka iyo nzira y'ibinyoma.

Ni yo mpamvu dukwiye guhagurukira umuco wo kwandika amateka yacu, kuyabika neza no kuyigisha, kugira ngo tutazisanga ibyo tuganirira muri aya mahuriro, cyangwa se aho dukorera byarasibanganye."

Kwandika ibisubizo Abanyarwanda bishatsemo yavuze ko byagiye bifasha kwigobotora icuraburindi igihugu cyarimo.

Akomeza avuga ati: "Ntidukomeze gutekereza ko tugifite umwanya, igihe kirageze ko imvugo iba ingiro, tugakora ibyo twiyemeje, hato tutazaba nka wa mugani twumvise ejo ugira uti 'Umubyeyi gito, araga abana ibyamunaniye'.

Ubukungu twifitemo nk'abanyamuryango duteraniye aha, ni umurage ntagereranywa usobanura amateka yacu, twasigira abana b'u Rwanda."

Abitabiriye Ihuriro rya Unity Club Intwararumuri bibukijwe ko Ndi Umunyarwanda ari igitekerezo ngenga cy'ukubaho kw'Abanyarwanda ko atari intero yabo gusa ahubwo ko ari yo mahitamo yabo ntasubirwaho.

Ati: "Ntawe dusaba uburenganzira bwo kubaho, kandi tukabaho neza. Ndi Umunyarwanda ni cyo gihango dufitanye, ni wo murage tuzasigira abato."



**Madamu Jeannette Kagame, yavuze ko Ndi Umunyarwanda izakomeza kuba intero n'inyikirizo mu Rwanda**

Ubuyobozi bw'Umuryango Unity Club Intwararumuri buvuga ko Unity Club ari ishuri kuko amashuri asanzwe bayigiye ahantu hatandukanye, imirimo bakoze nayo iratandukanye, ariko kuko abanyamuryango bahurira hamwe, bose bibagira abanyeshuri b'amateka yabo aho buri wese akomeza kwigira ku wundi.

Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, Madamu Jeannette Kagame yagize ati: "Kudakomeza kwiga ni ukudindira, ni ukugwingira. Ntitwirare ngo twibwire ko tuzi byose. Muri iri shuri ryacu ridasanzwe, duhore dufite amatsiko yo kwiyungura ubundi bumenyi."

Akomeza agira ati: "Twubatse byinshi bundi bushya, tubikora bucece, kandi dufite icyizere. Muri Unity Club, ni ahantu twongeye gusobanukirwa ko u Rwanda ari umutamenwa. Ni ingobyi iduhetse, idukwiriye twese, kandi dutuyemo dutuje."

Ihuriro rya 18 rya Unity Club Intwararumuri ryitabiriwe n'abayobozi mu nzego nkuru z'Igihugu, Intwararumuri, abayobozi b'inzego z'ibanze, abahagarariye urubyiruko, abakuru b'amadini n'amatorero, ndetse n'abahagarariye sosiyete sivile barenga 400.

# Sr. Murekatete yacyeje Abenebikira bahishe Abatutsi i Butare muri Jenoside



**Ababikira bo mu Muryango w'Abenebikira bitabiriye ibiganiro bivuga ku gitabo cy'umuvandimwe wabo, Sr Murekatete**

**KAYITARE Jean Paul**

***Umwanditsi w'ibitabo Sr Maria Anna Beata Murekatete yagaragaje umusanzu utangaje w'Ababikira bo mu Muryango wa 'Abenebikira' bahishe abahigwaga b'ababikira n'abandi baturage muri rusange mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 na nyuma yayo, abinyujije mu gitabo yanditse.***

Abenebikira bagize uruhare mu kurokora Abatutsi babahungiyeho mu kigo cyabo giherereye mu Murenge wa Save, na bo ubwabo bakaba batarigeze barangwa n'amacakubiri hagati yabo, ahubwo bunze ubumwe mu kugera ku ntego yo kwirokora no kurokora ababahungiyeho.

Ibiganiro bishingiye ku gitabo Sr Murekatete yanditse 'Le Génocide commis contre les Tutsi au Rwanda: Contribution des Benebikira à la protection des victims et à la reconstruction du Pays' byabereye ku rwibutso rwa Kigali ku mugoroba wo ku wa 06 Ugushyingo 2025.

Mu kiganiro kigufi Sr Murekatete yahaye Imvaho Nshya, ahamya ko ibice byose bigize igitabo cye cy'amapaji 180, bikomeye.

Igice cya Mbere kivuga ibibazo Abenebikira bahuye na byo mu butumwa kuva mu 1990 kugeza 1994.

Ati: "Hari Ababikira hano barirukanwe mu mashuri kandi bari abarezi beza."

Igice cya kabiri kivuga uko Ababikira barokotse ku buryo bw'igitangaza ariko gitewe no kwishyira hamwe no kutitandukanya, ibintu byayobeye abicanyi.

Agira ati: "Bati ese turabatsemba bose tubamare, imirimo bakoraga, ese ntitwikora mu nda? Ni ikintu cy'igitangaza cyabaye kandi noneho ntitwakwihakana n'abari baduhungiyeho, kubarinda ni Imana yabijemo."

Avuga ko i Save hari Ababikira batoya bavuye mu bigo byinshi byari mu bice byarimo intambara, abicanyi bakabasaba gusubira aho baturutse ariko ngo bagamije kubica.

Uwari uyoboye Abenebikira yagiye gusaba umusirikare kubarasa aho kugira ngo banyanyagire, bituma asinya urutonde rw'abarenga 60 bari mu kigo cy'Abenebikira.

Hari ibintu byinshi byagiye biba bakabona ko hari umugambi wo kubica ariko ugacubywa n'umugambi w'Imana wo kwishyira hamwe.

Kuri we yifuza ko isomo abantu bakura mu gitabo yanditse ari uko nibura abihaye Imana bashikama ku murimo n'ubutumwa Imana yabahaye.

Ati: "Ndifuza ko abantu bakuramo ubutumwa ko mu bihe bibi nka biriya abantu bashinzwe umurimo w'Imana dukwiriye gukomeza guhagarara mu butumwa, ni byo bikiza."

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr. Bizimana Jean Damascène, yavuze ko izina abihayimana, by'umwihariko Abenebikira, baryubashye kuko nta bandi bihaye Imana bagize uruhare mu kurokora Abatutsi bahigwaga.

Yavuze ko gusoma igitabo 'Le Génocide commis contre les Tutsi au Rwanda: Contribution des Benebikira à la protection des victims et à la reconstruction du Pays' bibyutsa agahinda.

Ahamya ko igitabo kiziye igihe kuko kizigisha abato. Avuga ko ubuhamya bw'Abenebikira butaboneka mu yindi miryango y'abihayimana mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ati: "Abenebikira b'Abahutu bagumanye n'Abatutsi bemera gupfana nabo, ni ubuhamya utabona mu yindi miryango y'abihayimana."

Igitabo kivuga ku ruhare rw'Abenebikira mu kurinda abahigwaga na nyuma yo gusana igihugu.

Sr Murekatete avuga ko gusana kwabo kwibanda cyane mu butumwa bw'uburezi no mu buzima.

**Amateka ya Sr Marie Anna Beata Murekatete**

Sr Murekatete yavutse mu 1951, avukira mu Karere ka Nyaruguru mu Murenge wa Ngera mu Ntara y'Amajyepfo.

Amashuri abanza yayigiye iwabo i Nyaruguru, ayisumbuye ayiga i Save kuri St Bernadette akomereza i Nyamasheke nyuma aza kuyobora kuri St Bernadette yizeho.

Abaye Umubikira kuko mbere atashoboraga kwiga kubera ko yari Umututsi, aza kujya kwiga muri Kamunza y'u Rwanda ahakura impamyabushobozi y'icyiciro cya kabiri cya Kaminuza mu burezi.

Avuga ko Imana yamuhaye impano biturutse ku bana yareze nyuma yo gusigara bonyine kubera Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ajya muri Amerika kwiga uburezi ndetse n'Iyobokamana mu cyiciro cya gatatu cya Kaminuza.

Yakoze umushinga werekeranye n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu mashuri, uwo mushinga ukomeye cyane ugera mu mashuri nka 50.

Mu ishuri yakoragamo Groupe Scolaire St Bernadette rihabwa igihembo cya UNESCO cyitwa 'Prix des Piliers de la Paix'.

Nyuma yagiye kwiga iyobokamana anakora umushinga wahuzaga abanyeshuri bo mu mashuri bo muri Kaminuza y'u Rwanda na KIE icyo gihe.

Bakoranye imyaka 3 kugira ngo bazabe abavugabutumwa b'ubwiyunge n'amahoro kuko yabonaga ko ari bo bantu bazagenda bakajya hanze bakaba umusemburo kubera amashuri abahuza.



**Umwanditsi w'ibitabo Sr Maria Anna Beata Murekatete yagaragaje uruhare rw'Ababikira bo mu Muryango wa 'Abenebikira' barokoye abahigwaga muri Jenoside yakorewe Abatutsi**





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

## *Ak'imuhana kaza imvura ihise*

Abanyarwanda bafite ibihamya by'uko imigani y'abakurambere burya koko igana akariho. Uwavuze ko ak'imuhana kaza imvura ihise ntiyibeshye kuko akenshi umuntu areba kuri mugenzi we ari uko yamaze gukemura ibimureba.

Ni yo mpamvu iyo habonetse umuntu ureba ku bandi mbere yo kwirebaho, ibikorwa bye bihinduka iby'ubutwari kuko biba byihariye kandi bitandukanye n'iby'abantu bose.

Kwirebaho mbere yo kureba abandi ubwabyo si bibi kuko biragoye kuba umuntu yafashisha abandi ibyo adafite.

Ku birebana n'Igihugu by'umwihariko, birakwiye ko buri muturage wese azirikana ko ari we mbaraga zacyo naho gutekereza ko hazaza umutabazi avuye ikantarange.

Mu Ihuriro rya 18 ry'Umuryango Unity Club, Perezida wa Repubulika Paul Kagame yibukije Abanyarwanda ko nta gihugu cyakizwa no gusabiriza, ko ahubwo ibihugu byagombye kwishyira hamwe, bikagirana inama, bigakora bigatera imbere.

Mu gihe ibihugu bya Afurika bigihura n'ingaruka zo kwitega igihe kinini ko abakoloni bazanye ibisubizo by'Iterambere, Perezida Kagame yongeye guhamya ko nta gihugu cyigeze gitezwa imbere n'inkunga zitangwa n'Imiryango itari iya Leta, cyangwa se abandi bagiraneza batanga igisubizo ku ngaruka z'ikibazo ariko badashobora guhangana n'ikibazo ubwacyo.

Kwitega inkunga biri mu bigabanya icyizere cy'imiyoborere, kuko abaturage bacunga imishinga ishingiye ku nkunga batabasha kumenya kuyicunga kandi bahorana ibibazo bidashira, hari n'ibyo barema kugira ngo bakomeze babone inkunga.

Iyo abaturage bamenyereye gukorera ku nkunga batazibonye, kwitekerereza ubwabo biragorana ndetse bikorohera abafite imigamibi mibisha kuyobya buri wese ushukishijwe gufashwa mu rugendo njyabukire ariko uramba igihe gito.

Mu gihe inkunga zishobora gufasha abantu cyangwa ibihugu kongera ubushobozi, zishobora no kurema ubunebwe bwo gukora no guhora witeze akava imuhana kaza imvura ihise, kaboneka kakaba kari kumwe n'izindi nyungu zihishe ku wagatanze.

Ni muri urwo rwego, mbere yo gutekereza ko hari amahanga arajwe inshinga n'ibibazo by'Igihugu cyawe, tekereza ko na yo ahanganye n'ibitayoroheye.

# Mu Rwanda hagiye kuzura ububiko bwa gaze bwa miliyari 60 Frw



**Ibikorwa bya miliyari 60 Frw byitezweho gutanga toni 9 000 za gaze**

**ZIGAMA Theoneste**

***Ikigo gikora Peterole na Gaze, Société Pétrolière (SP), cyatangaje ko bitarenze mu mwaka wa 2026, mu Rwanda hazaba huzuye ububiko bwa Gaze (LPG), bufite agaciro k'asaga miliyari 60 Frw (miliyoni 44 z'amadolari ya Amerika).***

Ni ububiko burimo kubakwa mu Murenge wa Rusororo, mu Karere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali.

Umuyobozi Mukuru wa SP, Habimana Claudien yabwiye itangangazamakuru ko n'ubwo SP ari yo itera inkunga uwo mushinga, ubwo bubiko buzakoreshwa na bose, harimo ibigo by'ingufu bitandukanye by'abikorera ndetse n'ibya Leta, izabasha kuhagira ububiko bw'ingufu zayo z'ingenzi yishyura amafaranga make.

Yasobanuye ko ubwo bubiko bugizwe n'ibice bibiri by'ingenzi birimo ikibanza cyo hejuru, gifite ibikoresho byo kubika gaze ikoreshwa buri munsi bizwi nka bullets, cyamaze kuzura ndetse n'ikibanza cyo hasi, aho hubakwa ibigega binini byo kubika gaze igihe kirekire (LPG storage spheres).

Imirimo yo kubaka igeze kure, aho ubu hashyirwaho ibigega binini byo kubikamo gaze.

Habimana yavuze ko igihe ubwo bubiko buzaba butangiye gukora ku buryo bwuzuye, buzaba bufite ubushobozi bwo kubika toni zisaga 9 000 za gaze, zivuye kuri toni 8 500.

Yasobanuye ko ubwo bubiko buzashobora gutanga gaze ikenewe mu gihugu mu gihe cy'amezi abiri, uhereye ku ngano y'ikoreshwa ubu.

Habimana yongeraho ko igiciro cy'umushinga cyiyongereye kivuye kuri miliyari 38 Frw yari ateganyijwe mbere, kikagera kuri miliyoni 44 z'amadolari ya Amerika, kubera igiciro cyiyongereye cy'ibikoresho ndetse n'impinduka zakozwe ku mushinga.

Yavuze kandi ko inyigo y'ubushobozi ubwo bubiko buzaba bufite (feasibility study) yakozwe mbere y'umwaduko w'icyorezo cya Covid-19, ariko izamuka ry'ibiciro by'icyuma ku rwego rw'Isi hamwe no kongeramo ibigega bibiri bishya.

Ni ibigega bizabikwamo buri munsi gaze, buri kimwe gifite ubushobozi bwo kwakira toni zirenga 200, ari byo byazamuye ingengo y'imari.

Habimana yakomeje asobanura ko ibigega bikoreshwa buri munsi ari mu mushinga uzatangira gukora muri Mutarama 2026, nk'uko yabivuze, icyo gihe kizaba ari icyiciro cy'agateganyo cyo gutangiza ibikorwa.

Yanongeyeho ko ubu bubiko buzafasha kwihaza ku mutekano w'ingufu mu Rwanda.

Habimana yagize ati: "Nimara kuzura, iyi gahunda izashobora kubika gaze ihagije nibura mu mezi abiri ku yaba ikenewe ku isoko, bitewe n'uko ubu u Rwanda rukoresha toni 5 za gaze buri kwezi."

Guverinoma y'u Rwanda itangaza ko kongera ubushobozi bw'ubwo bubiko bwashobora kongerwa mu gihe kizaza, hagamijwe guhaza izamuka ry'umubare w'abakoresha gazi mu gihugu.

Mu mwaka wa 2023, Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) yari yatangaje ko inzitizi mu kugenzura ibiciro bya gaze zo gutekesha zaterwaga n'uko ububiko n'ubushobozi bwo gutanga gaze byari bikiri bito.

Ibi byatumaga ibiciro bya gaze bisubirwamo hafi buri byumweru bibiri, bitewe n'uko gaze yinjizwaga kenshi ivuye mu bihugu bya Tanzania na Kenya.

Iyo Minisiteri kandi yagaragaje ko ububiko bushya bwa Rusororo buzafasha gukemura izo mbogamizi, kuko buzafasha kugenzura no guhagarika impinduka zidakabije ku giciro cya gaze, nk'uko bikorwa mu gucunga ibiciro bya lisansi na mazutu.

Kugeza ubu, gaze yose ikoreshwa mu Rwanda itumizwa mu mahanga, u Rwanda rukaba ruri gushaka uko rwabyaza umusaruro gaze metani iva mu kiyaga cya Kivu, hagamijwe kuyikoresha mu ngufu zo mu rugo.

Hari imishinga iri gutegurwa yo guhindura iyo gaze metane ikaba gaze y'umwuka yitwa liquefied natural gas (LNG), izakoreshwa mu guteka, bikaba biteganyijwe ko izatangira gukoreshwa mu mwaka wa 2027.

Imibare y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR), igaragaza hafi 75% by'ingo mu Rwanda zicana inkwi nk'ibikoresho by'ibanze byo guteka, 18, 8% zikoresha amakara, naho 5,4% gusa zikaba ari zo zikoresha gaze.

KAMALIZA Agnes

# Hakozwe sisiteme ivumbura ibyorezo byanduza abantu bivuye mu nyamanswa n'amatungo

***URwanda rwagaragaje sisiteme y'ikoranabuhanga ya e-IDSR, (Integrated Disease Surveillance and Response) izafasha Abaveterineri n'abandi bafite aho bahuriye n'ubuzima bw'amatungo n'inyamanswa kuvumbura kare indwara n'ibyorezo bishobora kwanduza abantu bavuye mu matungo.***

Ubushakashatsi bwagaragaje ko indwara z'ibyorezo abantu barwara 75% muri zo ziva mu matungo n'inyamanswa.

Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buzima (RBC) cyagaragaje ko hari hakenewe kumenya amakuru ava mu matungo n'inyamanswa ngo hamenyekane indwara zirwaye zishobora kwanduza abantu.

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe ubuzima bw'abantu, ubuzima bw'amatungo n'ubuzima bw'ibidukikije muri RBC Dr. Shema Leandre avuga ko e-IDSR yari isanzwe ikoreshwa mu kumenya amakuru y'abantu kuva mu 2000, ariko ubu igiye kujya ikoreshwa mu kumenya amakuru y'indwara zanduza abantu zivuye mu matungo.



Ubuvuzi bugiye gukoresha sisitemu ifasha kuvumbura kare indwara n'ibyorezo bishobora kwanduza abantu bivuye mu matungo

Ati: "Twari dukeneye kumenya amakuru ava mu matungo tworoye kuko nayo afite indwara atera. Sisiteme impamvu tuzizana ni ukugira ngo tubone amakuru hakiri kare; nk'aka kanya batangaje nk'icyorezo baketse mu Burasirazuba twese twakwihutira kujyayo nka RBC, tugakorana n'izindi nzego kugira ngo icyo cyorezo kitajya mu bantu."

Dr. Shema akomeza avuga ko muri iyi minsi indwara ziterwa n'imihindagurikire y'ibihe nazo zirushaho kwiyongera ariko iyo sisiteme ifite ubushobozi bwo kuzivumbura.

Ati: "Indwara ziri kwiyongera kubera ihindagurika ry'ibihe rero ino sisiteme twayizanye kugira ngo tuzajye tubona amakuru kare dufatanye kugira ngo turwanye izo ndwara."

Yongeyeho ko mu gihe iyo sisiteme yakoreshwa uko bikwiye; ibyorezo byinshi bizajya bikumirwa bitaragera mu bantu ku kigero cya 90%.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB), cyagaragaje ko iyo sisiteme izaziba icyuho cy'ubukererwe bwajyaga bugaragara mu kumenyekanisha amakuru y'indwara byihuse.

Dr. Ndayisenga Fabrice, Umuyobozi w'Ishami ry'ubworozi no kurwanya indwara mu matungo muri RAB avuga ko iyo sisiteme ifasha aborozi kugendana n'isi y'ikoranabuhanga, amakuru atangirwa ku gihe ndetse ibyorezo bigakumirwa.

Yagize ati: "Kwandika ku mpapuro byatumaga habaho ubukererwe bigafata igihe kinini n'iminsi, kandi mu minsi ingana gutyo indwara ishobora gukwira aharenze Umudugudu ariko mu gihe afite iyo sisiteme ikintu abonye ako kanya azajya ahita agishyiramo twese tubibibonere rimwe ingamba zifatwe."

E-IDSR ni sisiteme ikoreshwa n'Abaveterineri n'abandi bafite aho bahuriye n'ubuzima bw'amatungo ndetse kuri ubu hahuguwe abarenga 600 bakora mu Turere, Imirenge, Pariki n'abandi bafatanyabikorwa bahura n'inyamaswa n'amatungo.

Bimwe mu byorezo byatewe n'inyamaswa n'amatungo harimo ubushita bw'inkende,(MPox), Murburg, Covid-19, Rift valley fever n'izindi.

# Abasaga 16 000 bemerewe buruse muri Kaminuza y'u Rwanda

ZIGAMA Theoneste

***Guverinoma y'u Rwanda igiye guha buruse abanyeshuri 16 768 bemerewe kwiga muri Kaminuza y'u Rwanda (UR), mu Ishuri rikuru rya tekikini (RP), n'Ishuri Rikuru ry'Ubuhinzi n'Ubworozi bishingiye ku kubungabunga Ibidukikije (RICA) mu mwaka wa 2025/2026.***

Inama Nkuru y'Amashuri Makuru na Kaminuza (HEC) yatangaje ko iki cyemezo cyafashwe hashingiwe ku ishyirwaho rya gahunda nshya yo kwakira abanyeshuri muri kaminuza mu byiciro bibiri mu mwaka, izwi nka 'double intake'.

Ni gahunda yashyiriweho gukuraho igihe cy'umwaka abanyeshuri bajyaga bamara mu rugo nyuma yo gusoza ayisumbuye, hagamijwe kugabanya igihe cy'ikiruhuko kirekire no gufasha abanyeshuri gukomeza amasomo yabo nta nkomyi.

HEC igaragaza ko umubare w'abanyeshuri bahabwa buruse za Leta wiyongereye uva ku 11 789 mu mwaka wa 2024/2025 ugera kuri 16 768 mu wa 2025/2026. Muri bo, 11 135 baziga amasomo ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubumenyi n'Ubwubatsi (STEM) bangana na 66.7%, naho 5 633 baziga amasomo atari STEM bangana na 33.3%. Abagera ku 12 229 baziga muri UR, 4 472 muri RP, naho 67 muri RICA.

HEC ivuga ko uku kwiyongera kuzagira ingaruka ku ngengo y'imari ku kigero cya 39.2%, ariko ko Leta yiteguye gukomeza guha inkunga abanyeshuri bose bayemerewe, ari abiga amasomo ya STEM cyangwa abiga ayandi.

Abanyeshuri bahawe buruse bagaragaje ko bishimiye ubu bufasha.

Samuel Cyusa, wiga ibinyabutabire mu ishami ry'ubumenyi n'ikoranabuhanga (UR-CST), yavuze ko atari kubona uko akomeza amasomo nta nkunga ya Leta abonye.

Ati: "Benshi muri twe tuvuka mu miryango itabasha kwishyura kaminuza, iyi nguzanyo ni amahirwe akomeye."

Umuhoza Divine, na we wemerewe kwiga kwita ku musaruro w'ibiribwa mu ishami ry'ubuhinzi rya UR–Busogo Campus, yashimangiye ko iyo nguzanyo ifasha cyane kuko inatuma babasha kwiyitaho kuko bazahabwa inyongera ya buri kwezi ya 40 000 Frw.

Umuyobozi Mukuru wa HEC, Edward Kadozi, yasobanuye ko gahunda ya 'double intake' igamije gukemura ikibazo cy'abanyeshuri bamara umwaka mu rugo batiga, bigatuma bamwe bacika intege.

Ati: "Iyi gahunda izatuma nta munyeshuri uzongera gutinda gutangira kaminuza."

Yongeyeho ko Minisiteri y'Uburezi, HEC, UR, RP na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN) bafatanyije kuyishyira mu bikorwa mu buryo burambye.

Mu ngengo y'imari ya 2025/2026, Leta yateganyije miliyari 17,7 Frw zizakoreshwa mu gutanga inguzanyo za buruse z'abanyeshuri biga imbere mu gihugu no mu mahanga.

Kadozi yemeje ko iyi gahunda izakomeza gushyigikirwa kugira ngo abanyeshuri bose babashe gukomeza amasomo yabo batabura ubushobozi.



Abanyeshuri basaga 16 000 bahawe buruse muri kaminuza





# Amb. Col. (Rtd) Ndamage yashyikirije Umwami Mswati III impapuro zo guhagararira u Rwanda



Ambasaderi Col (Rtd) Ndamage yashyikirije Umwami Muswati III impapuro zimwemerera guhagarariraryo u Rwanda

KAMALIZA Agnes

***Ambasaderi Col (Rtd) Donat Ndamage yashyikirije Umwami Mswati III wa Eswatini impapuro zimwemerera guhagararira u Rwanda muri icyo gihugu, mu muhango wabereye mu Ngoro y'Umwami iherereye i Lozita ku wa 06 Ugushyingo 2025.***

Ibiganiro byabo byibanze ku kongerera imbaraga umubano mwiza uri hagati y'u Rwanda na Eswatini, ushingiye ku bufatanye mu nzego zirimo ikoranabuhanga n'ubukerarugendo.

Baganiriye ku mahirwe aboneka ku mpande zombi ashobora kubyazwa umusaruro mu nyungu z'ibihugu byombi.

Umwami Mswati III yasabye abashoramari bo mu Rwanda gushora imari mu Bwami bwa Eswatini, mu gihe mu masaha y'ikigoroba Amb. Ndamage yagiranye ibiganiro n'Abanyarwanda baba muri icyo gihugu bagera kuri 80 babarizwa mu muryango RCA.

Amb. Ndamage yabagaragarije umubano w'ibihugu byombi anabasaba gusura u Rwanda ngo bihere ijisho uko rumeze anabasobanurira serivisi zitangwa na ambasade.

U Rwanda na Eswatini bisanzwe bifitanye umubano mu nzego zitandukanye zirimo ikoranabuhanga, ubukerarugendo ndetse Amb. Ndamage akaba yashimangiye ko uwo mubano uzakomeza kwaguka no gushimangirwa bitewe n'ubushake bwa politiki buri mu bihugu byombi.

Amb Ndamage ayatanze impapuro nyuma y'uko Umwami Muswati III agiriye uruzinduko mu Rwanda muri Kanama 2024, aho ari kumwe na Perezida wa Repubulika Paul Kagame bakurikiye isinywa ry'amasezerano y'ubutwererane mu nzego za gisirikare, serivisi z'igorora, Polisi no gukuriraho viza abatunze serivisi za dipolomasi.

Perezida Kagame yashimiye Umwami Muswati III waje mu Rwanda gukurikira irahira rye muri manda nshya y'imyaka itanu, ashimangira ko ibyo bishimangira ko ibihugu byombi byubatse ubushuti kandi buzakomeza gusigasirwa.

Icyo gihe Perezida Kagame yagize ati: "Turashaka gukomeza kwimakaza ubutwererane, ni na yo mpamvu nyamukuru y'amasezerano yasinywe."

Madamu Jeannette Kagame na we yahuye na Madamu Inkhosikati Make LaMashwama wari waherekeje umugabo we, amuganiriza ku mikorere y'Umuryango Imbuto Foundation banasura Urugo Mbonezamikurire y'Abana bato (ECD) rwitwa EZA rukorera muri Urugwiro Village.

Urwo ruzinduko rw'umwami n'Umwamikazi Inkhosikati Make LaMashwama mu Rwanda bivugwa ko rwabaye intangiriro y'icyiciro gishya cy'umubano w'u Rwanda na Eswatini mu bya Dipolomasi, runafungura inzira y'ubufatanye mu guharanira iterambere ry'ibihugu byombi.

KAYITARE Jean Paul

# MINICOM yagaragaje ko ubwiyongere bw'umusaruro w'inganda butanga icyizere

***Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda, MINICOM, yavuze ko Urwego rw'inganda rwazamutse rugatanga akazi ku ngeri z'abantu batandukanye ndetse zigira uruhare mu gushyira ikinyuranyo ku biciro by'ibyoherezwa n'ibitumizwa mu mahanga.***

Yves Kagame, Umuyobozi ushinzwe ihuzabikorwa rya Politiki y'u Rwanda yo guteza imbere Ibigo bito n'ibiciriritse n'ihanga ry'Imirimo muri MINICOM, avuga ko urwego rw'inganda rurimo kugenda ruzamuka mu Rwanda.

Ni nyuma y'aho Leta ishyiriyeho ingamba zo guteza imbere ibikorerwa mu gihugu. Ashimangira ko inganda zagiye zizamuka ku rwego rushimishije, ari naho Leta igomba gushyira imbaraga.

Ati: "Urwego tugezeho ni rwiza, umuvuduko turiho ni mwiza ariko turacyafite urugendo rurerure, ni yo mpamvu muri iyi NST2 twashyizeho intego y'uko tugiye gufasha inganda zikazamuka, Urwego rw'inganda rukazamuka nibura ku 10% buri mwaka bityo intego tukazigeraho mu 2029.

Mu byo turimo gukora, ni uko dushyira imbaraga mu gutanga ubushobozi ku nganda kugira ngo zishobore kujyana ibicuruzwa byazo ku isoko kandi ku giciro kiri hasi."

Ku wa 06 Ugushyingo, ubwo hatahwaga ku mugaragaro uruganda 'A-ZF Global Trading' rugiye kujya rukora ibikombe byo mu mpapuro byitwa 'Ishema Paper Cup', MINICOM yavuze ko hari icyo ifasha abanyenganda nko kubagabanyiriza imisoro ndetse n'igiciro cy'amashanyarazi.

Yves Kagame agira ati: "Iyi ni intambwe ikomeye ku bukungu bw'igihugu kuko niba tuvuga ko buri mwaka tugomba kuzamura urwego rw'inganda ku kigero cya 10%, bivuze ko tugomba gushyira imbaraga mu nganda zisanzwe ziriho ariko na none n'inganda zivuka zikaba nyinshi.

Iyo zibaye nyinshi za mbaraga zirazamuka, urwego rukazamuka noneho bwa bukungu bukazamuka rya 10% buri mwaka twiyemeje tukarigeraho."

Ibikombe bikozwe mu mpapuro MINICOM igaragaza ko iacy'ingenzi cyane ari ihangwa ry'imirimo kuko niba Leta ifite gahunda yo guhanga imirimo 250 000 ku mwaka bivuze ko iyo havutse uruganda rushya hari umusanzu uba ugiye gutangwa kuri ya mirimo ibihumbi 250.

Joel Mbabazi, Umuyobozi ushinzwe inganda muri PSF, avuga ko gutangiza inganda bijyanye n'icyerekezo cyo guteza imbere Politiki y'ibikorerwa mu Rwanda, 'Made in Rwanda', guhanga imirimo ndetse no kugabanya gukoresha ibikoresho biva hanze.

Avuga ko uruganda rukora ibikombe mu mpapuro ruzagira uruhare mu guhangana n'inganda zo mu Rwanda ku isoko mpuzamahanga no kugira uruhare mu kutangiza ibidukikije.

Ismael Ndayisenga, Umuyobozi mukuru w'uruganda rukora ibikombe 'Ishema Paper Cup' avuga ko bikoreshwa mu kunywa ibikonje cyangwa ibishyushye.

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare, NISR, mu kwezi gushize cyatangaje ko umusaruro w'inganda mu Rwanda wazamutseho 8,3% muri Kanama 2025 ugereranyije n'uko kwezi mu 2024.

Urwego rwo gutunganya ibintu mu nganda, umusaruro wabyo wazamutseho 11,2%, amashanyarazi azamukaho 7,0% naho amazi no gutunganya imyanda uzamuka ku kigero cya 1,7% ugereranyije n'umwaka ushize.

Ubwiyongere bw'uwo musaruro w'ibikomoka ku nganda, bwagizwemo uruhare n'ibijyanye no gutunganya ibikoresho birimo iby'ubwubatsi bidakozwe mu byuma birimo nk'ibirahuri, sima, amakaro n'ibindi wiyongereyeho 49,6%, ibikozwe mu byuma birimo nk'imashini n'ibindi bikoresho byiyongera ku kigero cya 18,2%, naho gutunganya ibiribwa bigabanyuka ku kigero cya 6,2%.



Urwego rw'iterambere ry'inganda rutanga icyizere mu kuzamuka k'ubukungu bw'Igihugu

# Hakenewe asaga miliyari 433 Frw yo kubaka iminara igeza murandasi mu Rwanda hose



Biteganyijwe ko hazubakwa iminara 233 hagamijwe gukemura ibibazo bya murandasi

KAMALIZA Agnes

***Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko ikeneye asaga miliyari 433.4 z'amafaranga y'u Rwanda (miliyoni 300 z'Amadolari y'Amerika), yo kubaka iminara mishya ya murandasi (internet), izatuma igera mu gihugu hose.***

Imibare itangwa na Minisiteri y'Ikoranabuhanga mu Itumanaho na Inovasiyo (MINICT) igaragaza ko abantu 83% mu Rwanda ari bo bagerwaho na interineti, mu gihe 17% basigaye ntayo babona.

Minisitiri wa MINICT Ingabire Paula, ubwo yasubizaga ibibazo by'Abadepite ku mbogamizi zikiri mu miyoboro ya interineti, ku wa Kabiri tariki ya 4 Ugushyingo 2025, yavuze ko aho interineti itagera cyane ari mu bice by'icyaro no mu duce tudatuwe cyane.

Ingabire yasobanuye ko kugira ngo igihugu nibura kigera ku gipimo cya 97% by'ahagera interineti bisaba iminara iri hagati ya 720 na 800.

Ashimangira ko kugira ngo igihugu kigire interineti 100% kandi yihuta, hakenewe iminara mishya 2 500, yiyongera ku yindi 1700 isanzwe ihari, byose bizatwara agera kuri miliyoni 300 z'amadolari.

Yagize ati: "Uyu munsi ntitwabaha itariki cyangwa ngo mu myaka runaka bizaba byarangiye byose bizaterwa n'igihe tuzabonera ayo mafaranga. Igihe tuzayabona bizadusaba igihe kitarenze imyaka itatu kugira ngo iyo minara ikenewe igere ahantu hose mu gihugu."

Abadepite bagaragaje impungenge ku kibazo cyo kutabona interineti mu bice bimwe na bimwe aho bidindiza serivisi zitangwa hisunzwe ikoranabuhanga zirimo iz'ubuhinzi, uburezi, ubuzima, kwishyura imisoro iz'ubutaka n'izindi.

Banavuze ko ubumenyi buke bw'abaturage mu by'ikoranabuhanga, kuba serivisi ziri mu rurimi rw'Icyongereza na byo ari imbogamizi zikibangamiye abaturarwanda.

Ubushakashatsi ngarukamwaka bw'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB), ku bipimo by'imiyoborere bwa 2024/2025, buzwi nka Rwanda Governance Scorecard, (RGS), bwagaragaje ko serivisi zitangirwa ku ikoranabuhanga ziri ku kigero cya 66.9%, bikaba bigaragaza icyuho kikiri mu kugeza ku baturage izo serivisi.

Bwagaragaje kandi ko abaturage banyuzwe na serivisi zitangirwa ku rubuga rw'Irembo ziri ku gipimo cya 87%, imanza zicibwa hifashishijwe ikoranabuhanga kuri 79%, abishyura bakoresheje mobile money bari 79%, mu gihe gihe serivisi za Leta zitangwa ku ikoranabuhanga ziri kuri 11%.

Mu kuziba ibyo byuho, Minisitiri Ingabire yasobanuye ko amasosiyete y'itumanaho afite ubushobozi bwo gushyiraho iminara mishya 220 hakurikijwe uburenganzira abifitiye ariko hakaba hari icyuho cy'indi irenga 500 itarubakwa.

Yavuze ko hafashwe ingamba zo gushyiraho ikigega cyizajya gifasha ibikorwa byo kwagura ibikorwa remezo by'itumanaho.

Ati: "Hari icyuho cy'iminara irenga 500 bikaba bisaba gushyira imbaraga muri ayo masosiyete y'itumanaho. Leta yafashe ingamba zo gufasha ayo masosiyete atinya ibihombo gushyiraho ikigega kizajya kibika 4% by'amafaranga yinjizwa na sosiyete z'itumanaho, ayo mafaranga akajya ashyirwa mu mishinga yo kwagura ibikorwa remezo by'itumanaho."

Yavuze ko kuva mu 2019 icyo kigega gifatanyije n'izindi nzego bubatse iminara y'itumanaho 233.



Ndagijimana Justin, impunzi y'Umunyekongo ihagarariye izindi mpunzi mu nkambi ya Mahama yavuze ko uwababwira gusubira mu gihugu cyabo batatindiganya

# Na mugitondo utubwiye ngo mutahe twataha- Impunzi z'Abanyekongo i Mahama

KAYITARE Jean Paul

***Buri muntu yishimira kubaho atekanye kandi ntabuzwe uburenganzira ku gihugu cye, mbese yumva yabaho yisanzuye. Uwisanze mu buzima bw'ubuhunzi uko yaba yarabugezemo kose, mu gihe cyose icyatumye ahunga cyaba kivuyeho, ntacyamubuza gutaha.***

Ibi bigarukwaho na Justin Ndagijimana, impunzi y'Umunyekongo ihagarariye izindi mpunzi mu nkambi ya Mahama mu Karere ka Kirehe mu Ntara y'Iburasirazuba.

Yageze mu nkambi ya Mahama avuye muri teritwari ya Masisi mu Ntara ya Kivu y'Amajyaruguru mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Mu kiganiro cyihariye yagiranye na Imvaho Nshya, yavuze ko na mugitondo babwiwe gutaha mu gihugu cyabo bagenda kuko bagikunda.

Iyo bicaye baganira nk'impunzi, avuga ko bagaruka kenshi k'ubwuzu n'urugwiro bashobora kwakirana inkuru nziza ibabwira gusubira mu gihugu cyabo, mu gihe cyose umutekano waba ubonetse.

Agira ati: "Na mugitondo utubwiye ngo mutahe, twataha kuko dukunda igihugu cyacu. Ni igihugu cyatubyaye, ni ubutaka twavukiyeho tubukuriraho.

Tunifuza kubusubiraho kuko hari n'ubuzima bwiza kuruta ubwo tubayeho mu buhunzi, ni byiza cyane ko isaha iyo ari yo yose twakumva umuntu atubwiye ngo nimutahe, twataha kuko dukunda iwacu."

Ndagijimana yahamirije Imvaho Nshya ko bafite icyizere cyo gusubira mu gihugu cyabo kubera ko hari bamwe bafite ikibazo nk'icyabo babatanze

KOMEZA KU RUP.11





# Abanyarwanda banywa 5% by'ikawa bejeje



Ikawa y'u Rwanda ikomeje kwamamara mu ruhando mpuzamahanga

ZIGAMA Theoneste

***Ikigo cy'lgihugu Gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu Mahanga ry'Ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB) cyatangaje ko mu mwaka wa 2024/2025 hanyowe ikawa y'u Rwanda ingana na toni 20 bingana na 5% y'iyasaruwe.***

Byagarutsweho kuri uyu wa Gatanu tariki ya 8 Ugushyingo 2025, mu kiganiro na NAEB n'abafatanyabikorwa bayo bagiranye n'itangazamakuru, cyibanze ku musaruro utangwa binyuze mu irushanwa ngarukamwaka ry'ubwiza buhebuje bw'ikawa y'u Rwanda muri 2025 (Best of Rwanda 2025).

Hanaganiriwe ku byishimirwa byagezweho mu guteza imbere ubuhinzi bw'ikawa no kuyongerera agaciro igakundwa mu mahanga.

Umuyobozi Mukuru w'Ihuriro ry'abatunganya bakanohereza ikawa y'u Rwanda mu mahanga (CEPAR), Orest Baragahorana yavuze ko binyuze muri ayo marushanwa abanywa ikawa mu Rwanda biyongereye ku bwinshi.

Yagize ati: "Hari n'izitaratsinze mu marushwa ariko uzikeneye yaza kuzinywa, kuko yamaze kumenyakana binyuze muri iryo rushanwa.

Abantu banywa ikawa bagenda bazamuka. Nka Kompanyi yacu yatangiye icuruza ikawa banywera mu gihugu, nko myaka itandatu twatangiriye kuri toni 1, ariko ubu tugeze kuri toni 20, z'ikawa inyobwa."

Yavuze ko kunywa iyo kawa y'u Rwanda biyongerera agaciro kuko uko inyobwa cyane n'iyo igeze mu mahanga ihabwa agaciro.

Umuyobozi Mukuru wa NAEB, Bizimana Claude yavuze ko kuzamura umubare w'abanywa ikawa y'u Rwanda uretse kuba biyongerera agaciro ariko binatanga akazi ku bantu benshi.

Ati: "Hari abantu bayitunganya baba barahawe amahugurwa yo ku rwego rwo hejuru, hari n'umunyarwanda uherutse gutsinda kwitabira amahugurwa yo ku rwego rw'Isi mu gutunganya ikawa."

Yunzemo ati: "Iyo turebye imibare y'ikawa twahinze n'iyo twohereje mu mahanga, yaba ikaranze cyangwa idakaranze , kugeza ubu tugeze kuri 5% y'ikawa inyobwa, turimo gukora ibishoboka kugira ngo nibura ikawa inyobwa nibura izagera kuri 15%.

Mu mwaka wa 2024/2025 u Rwanda rwejeje ikawa ingana na toni 21 295 yiyongereyeho 25%, ugereranyije n'umwaka wabanje aho heze 17 038.

Ni mu gihe iyoherejwe mu mahanga ari 20 509, bihwanye n'inyongera ya 24%, kuko mu mwaka wa 2023/2024 yari toni 16 479.

**Irushanwa y'ikawa y'u Rwanda rikomeje gutuma yamamara mu mahanga**

Mu irushanwa ngarukamwaka ry'ubwiza buhebuje bw'ikawa y'u Rwanda ribaye ku nshuro ya kabiri ritegurwa mu rwego rwo gushimira abahinzi, abatunganya ikawa n'abayohereza mu mahanga umuhate bagira mu guteza imbere ikawa y'ubwiza buhebuje, ndetse no kumenyekanisha ikawa y'u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga.

Muri Nzeri 2025, ikawa y'u Rwanda yongeye kwandika amateka mu ruhando mpuzamahanga, aho ikilo kimwe cyaguzwe amafaranga y'u Rwanda 129.000 mu marushanwa y'ikawa nziza zahize izindi yabaye ku nshuro ya kabiri.

Ikigo cy'lgihugu Gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu Mahanga ry'Ibikomoka ku Buhinzi n'Ubworozi (NAEB), cyatangaje ko hagurishijwe ikawa 20 nziza z'u Rwanda, zahize izindi mu bwiza no mu buryohe muri iryo rushanwa ngarukamwaka ry'ubwiza buhebuje bw'ikawa y'u Rwanda muri 2025 (Best of Rwanda 2025).

NAEB ivuga ko izo kawa zahize izindi zatoranyijwe mu zindi 316, n'abasogongezi bo ku rwego rw'Igihugu na mpuzamahanga.

Ikawa ya Kompanyi ya K-Organics Ltd ikorera i Huye mu Ntara y'Amajyepfo ni yo yaguzwe amadorali ya Amerika 88.18 ku kilo, ni ikuvuga ibhumbi 129 by'amafaranga y'u Rwanda. Iyo kawa yahize izindi kubona igiciro gihanitse binyuze mu cyamunara mpuzamahanga cyakozwe hifashishijwe ikoranabuhanga ku wa 08 Ukwakira 2025.

lki giciro gikubye inshuro 14 icyo izindi kawa zicuruzwaho muri uyu mwaka.

Usibye iryo rushanwa, NAEB ikomeje gushyira imbaraga mu gufasha abahinzi guteza imbere ubuhinzi bw'ikawa, hagamijwe kuzamura umusaruro mu bwiza no mu bwinshi, ndetse no kwagura amahirwe ku isoko mpuzamahanga.

Yasabye Abanyarwanda muri rusange kwita ku ikawa, kandi bagashyigikira gahunda yo gusazura ibiti byazo bishaje.

# Na mugitondo utubwiye ngo mutahe twataha- Impunzi z'Abanyekongo i Mahama

IBIKURIKIRA URUP.10

imbere bakajya guharanira uburenganzira bwabo n'Abanyekongo bose muri rusange.

Bizera badashidikanya ko igihe nikigera umutekano ukaboneka mu gihugu cyabo, icyatumye bahunga kikavaho, bazataha iwabo.

Amakuru y'ibohorwa rya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo barayazi kandi barayakurikirana, bakizera ko abarimo kubohora Congo, icyabahagurukije ari ukurwanira uburenganzira bwabo.

Agira ati: "Turabizi neza ko bahagurukijwe no kurwanira uburenganzira bwacu no kudusubiza ku butaka bwa basogokuruza bacu.

Twizerera muri ibyo ko igihe kizagera ubuzima bukaboneka, umutekano ukaboneka, abatwirukanye cyangwa se icyatumye duhunga mu gihe kizaba kitagihari byanze bakunze tuzataha."

Impunzi z'Abanyekongo zimaze imyaka isaga 25 ziba mu nkambi zitandukanye mu Rwanda, nyirabayazana w'iki kibazo ni FDLR, umutwe w'Iterabwoba ugizwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu1994.

Gufasha impunzi gutaha, ni imwe mu ngingo zikubiye mu masezerano y'amahoro yasinyiwe i Washington hagati y'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demukarasi ya Congo.

Aya masezerano agaragaza ko ibihugu byombi byemeranyije ko mu gihe amahoro n'umutekano bizaba byabonetse mu burasirazuba bwa Congo, bizafatanya n'inzego z'Umuryango w'Abibumbye n'imiryango ishinzwe ubutabazi gucyura abahungiye mu bice by'iki gihugu hamwe n'impunzi z'Abanyekongo ziri mu Rwanda no mu bindi bihugu.

# COP30: Inama ku mihindagurikire y'ibihe izitabirwa n'ibihugu 143

NYIRANEZA Judith

***Abayobozi bo hirya no hino ku Isi bazahurira i Belém muri Brésil mu nama ngarukamwaka ku kurwanya imihindagurikire y'ibihe (COP30), izaba kuva ku ya 10- 21 Ugushyingo 2025, izitabirwa n'ibihugu 143 mu 197 bigize Umuryango w'Abibumbye.***

Iyo nama izaba nyuma y'imyaka icumi Amasezerano ya Paris ku Mihindagurikire y'Ibihe abaye, akaba yashyizeho gahunda yo kugabanya izamuka ry'ubushyuhe ku Isi kugeza kuri dogere selisiyusi 1.5.

Ni inama ya 30 y'Umuryango w'Abibumbye ku kirere, aho Guverinoma ziganira ku cyakorwa ngo habeho guhangana n'imihindagurikire y'Ibihe, yabanzirijwe no kuhagera kw'abayobozi bo ku Isi bahuye kuva ku wa 6-7 Ugushyingo.

Nk'uko byatangajwe na Radiyo Mpuzamahanga y'Abafaransa, igihugu cyakira iyo nama gitorwa ku mugaragaro n'ibihugu byitabiriye iyo nama nyuma yo gutoranya akarere kazayakira, akenshi ikunze kuva ku mugabane ijya ku wundi.



Inama ngarukamwaka ku kurwanya imihindagurikire y'ibihe (COP30) izabera i Belém muri Brésil kuva ku ya 10- 21 Ugushyingo 2025

Inama zabanje zanenzwe kubera umubare munini w'abitabiriye ibikorwa bifitanye isano n'inganda z'amakara, peteroli na gaze, abaharanira inyungu zabo, bavuga ko bigaragaza ko abashyigikiye ibikomoka kuri peteroli bikomeje kugira ingaruka.

Brésil yakomeje kandi gutanga impushya nshya za peteroli na gaze mu gihe cyo gutegura COP30. Peteroli na gaze, kimwe n'amakara, ni ibikomoka kuri peteroli kandi bigira uruhare runini mu mihindagurikire y'ibihe.

COP30 igiye kuba mu gihe gikwiye, kuko intego z'Isi ku mihindagurikire y'ibihe zidahagaze neza, ahubwo biri ku gitutu gikomeye.

Hari ibimenyetso bya siyansi bigaragaza ko ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe bikaze ku buryo kuva ku bushyuhe bukabije kugeza ku kuzamuka kw'amazi y'inyanja, zaba nyinshi cyane zikagera kuri 2°C ugereranyije na 1.5°C.

Nubwo ikoreshwa ry'ingufu zisubira cyane cyane ingufu zikomoka ku mirasire y'izuba, rirazamuka cyane, gahunda zerekeranye n'ikirere z'ibihugu biteganya ntizihagije kugira ngo zigere ku ntego ya 1.5°C.

Mu masezerano ya Paris, ibihugu byagombaga kuba byaratanze gahunda zivuguruye mbere ya COP30 zisobanura uburyo biteganya kugabanya imyuka ihumanya ikirere.

Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye, António Guterres, yavuze ko bitewe n'uko igihe cy'intego cyegereye kandi urwego rw'imyuka ihumanya ikirere ruri hejuru, ko kurenza intego ya 1.5°C ubu ari ngombwa.

COP30 ifungura uruhererekane rushya rw'icyerekezo cy'ikirere, kuko nk'uko bisabwa n'Amasezerano ya Paris, ibihugu byagombaga gutanga politiki nshya z'ikirere, cyangwa Imisanzu y'Igihugu (NDCs), yo mu 2035.

# Irembo ryakuriyeho abaturage amasaha miliyoni 120 bamaraga baka serivisi za Leta

ZIGAMA Theoneste

***Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo (MINICT) yatangaje ko Urubuga Irembo rwakuriyeho abaturage amasaha arenga miliyoni 120 bamaraga bajya kwaka serivisi za Leta kuko bitakibasaba gukora ingendo bajya kuzaka ku Biro by'Inzego z'ibanze cyangwa ahandi abhubwo babikorera aho bari bakabibona bitabasabye guhura n'umuntu uwo ari we wese.***

Iyo Minisiteri ihamya ko kuri ubu ubu igihe abaturage bamaraga bashaka serivisi cyagabanyutse ku rwego ruri hejuru ya 80%, kubera uburyo bworoshye bwo kubona serivisi binyuze ku rubuga Irembo.

Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo Ingabire Paula, yabitangarije Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite, kuri uyu wa Kabiri tariki ya 4 Ugushyingo 2025, ubwo yasubizaga ibibazo byagaragaye mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu itangwa rya serivisi z'ubuyobozi.

Yavuze ko kugeza ubu 45% by'abakoresha Irembo bishyura hakoreshejwe ikoranabuhanga, kandi urubuga rukaba rutangirwaho serivisi 240 zifashishwa n'abaturage mu buzima bwa buri munsi.

Yagize ati: "Dufite abantu barenga ibihumbi 3 bafasha abaturage gusaba serivisi, kandi 45% by'abazisaba bakoresha uburyo bw'ikoranabuhanga."


Ati: "Hamaze kugabanyuka amasaha arenga miliyoni 120 abaturage batakazaga bajya gusaba serivisi, kuko ubu hari uburyo bworoshye bwo kuzibona hatabayeho kujya ku biro bya Leta."

MINICT kandi yatangaje ko hakomeje gushyirwamo imbaraga mu kunoza imikorere y'urubuga, kugira ngo rutange amakuru n'imikorere bihamye.

Imibare ya MINICT igaragaza ko hagati y'umwaka wa 2023 na 2024, abaturage bisabiye ubwabo serivisi zirenga miliyoni 5 banyuze ku Irembo.

Muri Werurwe 2025 kandi iyo Minisiteri yari yatangaje ko abarenga ibihumbi 400 bari bamaze gufungura konti bwite kuri urwo rubuga.

Urubuga Irembo rwashinzwe mu mwaka wa 2014 hagamijwe guteza imbere Umuryango Nyarwanda uyoborwa n'ikoranabuhanga (digital society).



Serivisi z'Irembo zakuriyeho abaturage amasaha arenga miliyoni 120 bamaraga bajya kwaka serivisi za Leta ku biro n'ahandi

Ni urubuga rutangirwaho serivisi zishingiye ku ikoranabuhanga, aho rufasha inzego za Leta gutunganya miliyoni z'inyandiko n'ubusabe bw'abaturage bwa serivisi hifashishijwe internet, rukaborohereza kubona serivisi za Leta mu buryo bwihuse kandi bwizewe.

Iro koranabuhanga kandi rifasha mu kugabanya ibyuho bya ruswa ndetse rikaba akabarore ku bihugu bitandukanye bya Afurika bidahwema kuza kuryigiraho mu kurushaho kunoza serivisi z'imiyoborere bitanga.





# RDC: Uko FDLR ifatisha bugwate Abanyarwanda abahanuzi b'ibinyoma


Soldat Mukamana Claudine wahoze muri FDLR yahanuraga ibinyoma

NGABOYABAHIZI Protais

***Mu myaka igera kuri 31 hahagaritswe Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Interahamwe n'abahoze mu Ngabo za Leta yayiteguye ikanayishyira mu bikorwa (EX-FAR) bahungiye muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) yahoze yitwa Zaire kugeza mu 1997.***

Umutwe w'iterabwoba wa FDLR, kimwe n'indi mitwe wakomotseho yashinzwe n'abo bahunze, wagiye wiherera abasivili bahunganye bababeshya ko utahutse yicwa ndetse bakabahanurira ko igihe cyo gutahuka kiri bugufi, bababeshya ko Imana yahishuye ko abayobozi b'u Rwanda bazakurwaho abari mu mashyamba bakaba ari bo bayobora.

Intego yabo yari iyo kugaruka bagasoza umugambi bateshejwe batarangije, ariko ntibari kubigeraho badafite abasivili bababera umutaka n'iturufu yo kugaragariza amahanga ko bafite uburenganzira bw'abo bahagarariye nk'uko nk'uko bigenda ku bagizi ban abo n'ibindi byihebe.

Bamwe mu bahoze mu mashyamba yo muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, bari mu mitwe yitwaje intwaro igamije gutera u Rwanda, bavuga ko ubuhanuzi bwakorerwaga muri ayo mashyamba bwabaga buturuka ku bayobozi ba FDLR, hagamijwe kuyobya abaturage no kubabuza gutaha ku bushake.

Bavuga ko abayobozi b'iyo mitwe bakoresheje amayeri yo kubeshya abaturage, babizeza ko bazataha bamaze guhabwa igihugu n'Imana, bityo bakarinda baguma mu mashyamba bafite icyizere kidafite ishingiro, imyaka 30 igashira bazerera mu mashyamba.

Alfred Hafashimana, umwe mu batahutse mu Rwanda avuye mu mashyamba ya Congo, avuga ko ari mu bakoreshwaga cyane mu bikorwa byo guhanura ibinyoma, dore ko yari umwe mu bapasiteri bakoraga muri FDLR.

Yagize ati: "Twabaga dutumwe n'abayobozi, bakatubwira ibyo tugomba kuvuga nk'ubuhanuzi kugira ngo dushukishe abaturage. Urugero, barambwiye ngo mvuge ko Imana yambwiye ko tuzataha mu Rwanda turi intwari. Narabyemeye ndabivuga, abantu barabyemera.

Ariko nyuma naje gusanga byose ari amayeri yo kudufata bugwate, nta Mana yari yabivuze, ahubwo nabonye u Rwanda uko rumeze ndicuza, kuko n'iyo bavugaga ko Convetion Centre iri mu Rwanda barahakanaga ngo iriya nzu iri muri Amerika, ko ahubwo FDLR ari yo izubaka nka yo igeze mu Rwanda, none nasanze iri Kigali."

Avuga ko ubwo buhanuzi bw'ibinyoma bwakoreshejwe nk'intwaro yo kubabuza gutekereza neza no gufata icyemezo cyo gutahuka kwa benshi babaga barambiwe ubuzima bubi babamo mu mashyamba yo mu gihugu kitari icyabo.

Soldat Mukamana Claudine wari umwe mu barwanyi ba FDLR, ashimangira ko ibyo bikorwa byari biteguwe neza kandi bifite inzego zabishinzwe.

Yagize ati: "Habagaho itsinda ryihariye ry'abantu ryahabwaga amabwiriza yihariye yo guhanura. Twabanzaga kwigishwa ibyo tuzavuga nk'ubuhanuzi, buri wese agasabwa kubifata mu mutwe neza kugira ngo atazavuga ibitandukanye n'ibyo abayobozi bifuza. Ibyo byose byari uburyo bwo kuyobya abaturage ngo batahuke, ahubwo bagumemo bavuga ko Imana izabanze kubaha igihugu."

Mukamana akomeza avuga ko nyuma yo gusobanukirwa ko ibyo bigishwaga ari ibinyoma, yahisemo gutahuka mu Rwanda ubu akaba yishimira kubaho mu Gihugu gifite amahoro n'imiyoborere myiza.

Sergeant Major Gashugi Faustin, wahoze mu ngabo zari iza Habyarimana (Ex-FAR) ndetse akaba yaranabaye igihe kinini mu mashyamba ya Congo, avuga ko yanze kugwa mu mutego w'ubuhanuzi bw'ibinyoma, ahubwo agahitamo gutahuka.

Yagize ati: "Abahanuzi bavugaga ko Imana izatwohererereza Igihugu cyacu mu buryo bw'igitangaza, ariko njye nararebye nsanga ari ibinyoma. Nahisemo gutahuka, nza mu Rwanda mu byiciro bya kabiri by'abatahuka. Komisiyo yampaye ibihumbi 60 Frw byo gutangiza ubuzima bushya, nyakoresha neza mu buhinzi n'ubworozi."

Akomeza agira ati: "Ubu mfite inka, ubutaka bwera neza n'imishinga y'iterambere. Umutungo wanjye ugeze hafi kuri miliyoni 20 Frw. Ibyo byose mbikesha amahirwe Leta yaduhaye n'ubwitange bwo gukora. Nta gihombo cyo gutaha; ahubwo byansubije agaciro."

Gashugi abishimangira ahamagarira abari mu mashyamba gusubira mu gihugu cyabo aho ubuhanuzi bw'ibinyoma butazabateza imbere.

Perezidante wa Komisiyo y'igihugu ishinzwe gusezerera no gusubiza mu Buzima Busanzwe Abahoze mu Ngabo (RDRC), Valerie Nyirahabineza, avuga ko ubuhanuzi bw'ibinyoma budakwiye guca intege Abanyarwanda, ahubwo bukwiye kuba isomo ry'uko bamwe bakoreshejwe mu kuyobya rubanda.

Yagize ati: "Ni ngombwa ko Abanyarwanda basobanukirwa ko igihugu cyabo kibakunze. Leta y'Ubumwe yubatse igihugu gifite amahoro, iterambere n'ubwiyunge. Duhamagarira abari mu mashyamba gutahuka, bakifatanya n'abandi mu kubaka igihugu cyabo. Abamaze gutahuka tubasaba kuba intumwa z'ubumwe n'iterambere, bakarwanya ingengabitekerezo ya Jenoside aho bari hose, ndabasaba kandi ko buri wese yakwigira ku byiza Leta ibagezeho aho kugira ngo bizere ibinyoma byo mu mashyamba."

Ubuhamya bw'abahoze mu mashyamba bugaragaza ukuntu ubuhanuzi bw'ibinyoma bukoreshwa nk'intwaro yo kuyobya abaturage, ariko nanone bugaragaza ukuntu ukuri n'ukwiyemeza bituma umuntu agera ku iterambere nyaryo, aho gukomeza gutegereza ibitaboneka mu buryo bufatika.


Ubuhanuzi bwibinyoma bwatumaga urubyiruko rwitabira kujya muri FDLR aho gutahuka

# Abatujwe mu Mudugudu w'icyitegererezo wa Rugerero bahamya ko ubuzima bwahindutse



Abatujwe mu Mudugudu w'Icyitegererezo wa Rugerero bahamya ko byabahinduriye ubuzima

NYIRANEZA Judith

***Abatujwe mu Mudugudu w'Icyitegererezo wa Rugerero bavuga ko bavuye mu buzima bukakaye, bakaba bamaze kwiteza imbere biturutse ku bikorwa remezo bitandukanye Leta yabegereje, birimo ishuri, isoko, agakiriro ivuriro n'ibindi.***

Uwitwa Munganyinka utuye mu Mudugudu w'icyitegererezo wa Rugerero, mu Karere ka Rubavu avuga ko kuhatuzwa byabahinduriye ubuzima.

Ati: "Twatujwe na Leta mu Mudugudu w'icyitegerezo, kuko tutari twishoboye, aho twari turi twari mu buzima bukakaye, ariko aho tugereye muri uyu Mudugudu twabashije kwibumbira hamwe, tujya mu matsinda tukiteza imbere, tukaba dufite ibikorwa remezo bitwegereye, bikaba bitandukanye n'aho twari dutuye mbere wasangaga nta shuri ritwegereye, ariko ubungubu twegerejwe amashuri, amavuriro."

Undi watujwe muri uwo mudugudu yavuze ko amafaranga yatangaga ku bukode asigaye amufasha mu bindi bikorwa by'iterambere.

Ati: "Kuva twatuzwa muri uyu mudugudu, imibereho yarahindutse, amafaranga najyaga ntanga mu bukode asigaye amfasha mu bindi bikorwa by'iterambere, nkanishyurira abana ishuri."

Umukozi w'Akarere ka Rubavu ushinzwe gukurikirana imidugudu y'icyitegererezo Jean Bosco Uwizeyimana, yavuze ko umudugudu w'icyitegererezo ufasha abaturage kwegerezwa ibikorwa remezo.

Ati: "Abatujwe hano bafite ibikorwa remezo birimo amashuri, ivuriro, ibigo mbonezamikurire, agakiriro, hari isoko ryafasha umuturage akiteza imbere agannye ubucuruzi.

Hari icyanya cy'umurima bashobora guhingaho bakabona ikibatunga, hari koperative y'ubworozi bw'inkoko n'ibindi bifasha umuturage watujwe kuzamura imibereho ye."

Abatujwe mu mudugudu w'icyitegererezo wa Rugerero babarirwa mu miryango 142, bibumbiye muri Koperative Tumufitiye Icyizere, bakaba barahawe inyubako, ishuri ry'inshuke, isoko n'umushinga w'inkoko zitera amagi.

# Rubavu: Afungiwe guhisha amakuru y'ahari imibiri 7 y'Abatutsi se yishe muri Jenoside

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Kuri sitasiyo y'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) ya Busasamana mu Karere ka Rubavu, hafungiye Karire Gaudance w'imyaka 49, akurikiranyweho amagambo yavuze ko se yishe Abatutsi 10 muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, akavuga ko yari yarerekanye imibiri 3 gusa agahisha amakuru y'ahari indi 7.***

Amakuru Imvaho Nshya yahawe n'uhagarariye Umuryango Ibuka mu Karere ka Rubavu, Mbarushimana Gérard, avuga ko uwo mugore wo mu Mudugudu wa Mukingo, Akagari ka Makurizo, Umurenge wa Cyanzarwe, umugabo we mu rugo, umugabo amubajije aho yari ari barashyamirana, umugore amubwira ko yamuhitana nk'uko se yishe abana 10 biganaga b'Abatutsi bari bahungiye iwabo muri Jenoside.

Avuga ko iryo jambo ryarakaje umugabo , amakimbirane arushaho gukara, umugore asa n'uhunze umugabo, agera mu banyerondo bamubaza aho ajya muri iryo joro.

Ati: "Aho kubasubiza ko ahunga umugabo we bashyamiranaga, yasubiyemo ko se yishe abana 10 b'Abatutsi bari mu kigero kimwe na we, baniganaga mu mashuri abanza. Abanyerondo bumvise aya magambo uwo mugore yavugaga adasanzwe, bamubaza neza ibyo avuga, amaze gushyikirizwa inzego z'umutekano atangira kubihakana.

Ati: "Icyatubabaje cyane nka Ibuka, ni uko twamenye amakuru ko atari ubwa mbere abyigamba. Uko atonganye n'umugabo we amubwira ko yamugira uko se yagize Abatutsi muri Jonoside, barimo abo bana 10, aya makuru ntahabwe agaciro ngo afatwe aturangire aho iyo mibiri iri ngo ishyingurwe mu cyubahiro."

Yavuze ko yasabye ubuyobozi bw'Umurenge wa Cyanzarwe gutegura inama y'abaturage, RIB ikazabafasha uyu mugore agatumizwa agasubiramo mu ruhame iby'aya magabo ahora avuga, akagaragaza uburyo aba bana bishwe na se, akanagaragaza amazina yabo, niba koko muri Gacaca yarerekanye iriya mibiri 3 bikamenyekana, akanerekana ahari iriya yindi 7 ahishira amakuru.



Mu Murenge wa Cyanzarwe, haravugwa abahisha amakuru yahaherereye imibiri y'inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Akarere ka Rubavu, mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi yabanaga n'ababyeyi hafi ya paruwasi gatolika ya Busasamana, ubu ni mu Mudugudu wa Bihe, Akagari ka Rungu, Umurenge wa Mudende.

Ubwo yari atashye yasinze mu ijoro ryo ku wa 6 rishyira uwa 7 Ugushyingo 2025, yasanze ababwira ko muri abo bana 10 se yishe imibiri 3 ari yo Karire Gaudance yerekanye igashyingurwa mu cyubahiro, indi 7 atagaragaje aho iri."

Mbarushimana Gérard akomeza avuga ko uwo mugore agifatwa yabanje kwemera ko azi aho iyo mibiri atatangiye amakuru se yayijugunye,

Anavuga ko atahise amenya niba se w'uyu mugore witwa

KOMEZA KU RUP.15





# Rubavu: Afungiwe guhisha amakuru y'ahari imibiri 7 y'Abatutsi se yishe muri Jenoside

IBIKURIKIRA URUP.14

Gatashya Laurent,uvugwaho kwica aba bana akiriho ngo na we atange amakuru,k o byose bigiye gukurikiranwa neza, icyumweru gitaha kikazarangira amakuru yose yabonetse.

Yanavuze ko hashobora kuba hari n'abandi bahishe amakuru y'Abatutsi biciwe mu yari komini Mutura kuko yari ituwe n'Abatutsi benshi, hari imibiri myinshi itarabonerwa amakuru, ko hakwiye ubufatanye bw'inzego zose z'aka karere n'abaturage, ayo makuru yose agatangwa.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Cyanzarwe, Mugisha Honoré, avuga ko ayo makuru akimenyekana uyu mugore yemeye ibyo yavuze byose, anemera gushyira ukuri ahagaragara.

Ati: "Ubwo yagejejwe mu bugenzacyaha hari icyizere ko hari amakuru mashya agiye kumenyekana, ahajugunywe imibiri itaraboneka hakamenyekana, ikahakurwa igashyingurwa mu cyubahiro, cyane cyane ko dukurikije ibyo uwo mugore yivugiye agifatwa, bigaragara ko hari amakuru menshi azi yahishe,agiye kumenyekana."

Yijeje Ibuka n'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, muri kariya gace, bari barahishwe amakuru menshi y'iyo mibiri ko byose bigiye gukurikiranirwa hafi n'abandi bayifiteho amakuru bari bazinzitse bakagaragazwa.

Yongeye gusaba abaturage bafite amakuru y'ahakiri imibiri itaraboneka kuyatanga, ko uyatanze atagira ikibazo, ariko uwo bigaragaye ko yayahishe ayazi abihanirwa.

# Rutsiro: Barambiwe imbwa z'agasozi zikomeje guteza umutekano muke

NGABOYABAHIZI Protais

***Abaturage bo mu Mirenge y'Akarere ka Rutsiro ikora kuri Pariki y'Igihugu ya Gishawati-Mukura bahangayikishijwe bikomeye n'imbwa z'agasozi ziyongereye zikaba zibateza umutekano muke.***

Mukandoli Beatha, utuye mu Murenge wa Ruhango, yagize ati: "Hari imbwa ebyiri z'agasozi zaje mu rugo zirya ihene ebyiri zanjye. Twabimenyesheje ubuyobozi bw'Akagari, ariko ntabwo habaye igikorwa gifatika cyo kuzifata. Ubu dutekereza ko zishobora no kwinjira muri Pariki kuko zica udukwavu n'utundi tunyamaswa ikibazo cy'imbwa z'agasozi cyagiye cyiyongera cyane mu bihe bya vuba, kandi usanga zinjira no muri Pariki zigateza umutekano muke zigirira nabi izindi nyamaswa ziba mu cyanya gikomye.

Yagize ati: "Imbwa nyinshi ziva mu baturage ziza muri Pariki zishaka ibyo zirya. Iyo zigeze aha zirya utunyamaswa duto. Ibi bihungabanya cyane uburyo twubakiraho ubusugire bwa Pariki."

Yongeyeho ko abaturage bafite imbwa bakwiye kuzibungabunga, bakazigaburira neza kandi bakazifata neza kugira ngo zitazacika zikajya kwibasira inyamaswa zo muri Pariki.

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Rutsiro ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Uwizeyimana Emmanuel, yemeza ko ubuyobozi bw'Akarere bwamaze kumenya ikibazo cy'imbwa z'agasozi, kandi hari ibikorwa biri gukorwa mu bufatanye n'inzego z'umutekano kugira ngo zishakwe, zifatawe cyangwa zicwe aho bikenewe.



Imbwa z'agasozi ziteza ibibazo mu baturage

Uretse kuba hari bamwe zicira amatungo atagira ingano, aba baturage bafite impungenge no ku mutekano wabo n'urubyaro rwabo kuko igihe zabuze amatungo zica zishobora no kubadukira zikabarya.

Izo mbwa zitera ubwoba abana n'abakuze, ndetse bivugwa ko zinjira no muri Pariki y'Igihugu ya Gishwati–Mukura zikangiza urusobe rw'ibinyabuzima zica utunyamaswa dutandukanye.

Abaturage bakeka ko izo mbwa zishobora no kuba zifite ibisazi by'imbwa (rage), bigatuma badatinyuka kugenda nijoro cyangwa se mu rukerera.

Habarurema Jean Claude na we wo muri uyu Murenge wa Ruhango, avuga ko imbwa z'inzererezi zigeze no kurya umwana w'imyaka 5 mu Kagari kabo mu myaka ishize, kandi kugeza ubu ntihafashwe ingamba zihamye, kugira ingo zicike mu mayira.

Yagize ati: "Bidutera ubwoba kuko ziza nko mu gicuku no ku mugoroba mu kabwibwi zikarya amatungo ndetse n'uwo zihuye nawe cyangwa zigatuma abana batinya kujya ku ishuri mu gitondo. Ku manywa zigira muri Pariki ya Gishwati."

Umuyobozi wa Pariki ya Gishwati–Mukura, Anaclet Budahera, na we avuga ko nk'inkima n'izindi."

Yagize ati: "Ni ikibazo twamenye kandi cyugarije abaturage bacu, gusa zimwe zishobora no kuba ziva mu bindi bice. Hari imbwa nyinshi zizerera mu Mirenge itandukanye, zifata amatungo ndetse ziteza impanuka. Turi gukorana n'inzego z'umutekano n'abashinzwe ubuzima bw'amatungo kugira ngo dushake uburyo izo mbwa zategwa zikicwa, cyane cyane izo ziba zitagaragaza ba nyirazo."

Yasabye kandi abaturage kwita ku mbwa zabo, kuzigaburira, kuzigarurira mu ngo, no kuziha inkingo za rusange, kugira ngo zitazacika zikajya mu mihanda cyangwa muri Pariki, zikaba zarya umuntu agasigarana ingaruka harimo n'ibisazi.

Yagize ati: "Abaturage bafite imbwa bagomba kuzirekera mu ngo zabo, kuko iyo imbwa isohotse ikajya mu muhanda cyangwa muri parike iba itakiri iy'umuturage ahubwo iba icyago. Turashishikariza buri wese kugira uruhare mu gukemura iki kibazo, no gutanga amakuru aho abonye imbwa z'ibihomora."

Nubwo ubuyobozi bwatangije ibikorwa byo gushaka uburyo izo mbwa zafatwa, abaturage barasaba ko hafatwa ingamba zihamye zirimo gufata imbwa zose z'inzererezi, kuzirimbura mu gihe ari ngombwa, ndetse no gusaba aborora imbwa kugira uruhare mu kuzibungabunga, bazitaho ntizihinduke inzererezi.

Abaturage, ubuyobozi bw'Akarere ka Rutsiro ndetse n'ubwa Pariki y'Igihugu ya Gishwati–Mukura bose bahuriza ko imbwa z'agasozi ziri guteza umutekano muke n'igihombo ku baturage no ku bidukikije, bityo hakenewe ingamba zihamye mu kuzigenzura no kuzirindira igihe ziri mu ngo.

# Rutsiro: Yakuze ari umuvumvu abitoza umugabo, bibinjiriza miliyoni zisaga 7 Frw

NGABOYABAHIZI Protais

***Iradukunda Esperance w'imyaka 28, ni umwe mu rubyiruko rwatangiye gukora umwuga w'ubuvumvu akiri umukobwa, mu Kagari ka Kavumu, Umurenge wa Ruhango, mu Karere ka Rutsiro, avuga ko abikomoye ku babyeyi be bari abavumvu b'umwuga, yaje kuwukomeza kugeza anubatse urugo rwe abyigisha umugabo, bibateza imbere.***

Yagize ati: "Nakuze mbona ababyeyi banjye borora inzuki, ndabyishimira cyane. Byarantinyuye nanjye ntangira korora inzuki nari nkiri umukobwa. Nyuma yo gushaka, nahise mbwira umugabo ko twabifatanya, ndamwigisha, ubu turi abavumvu babigize umwuga, aho dufite imizinga igera mu 10."

Ubu nyuma y'imyaka itanu Iradukunda ashatse, avuga ko uyu mwuga wamuhinduriye ubuzima ndetse akawigiramo byinshi we n'umugabo we kuko babona amahugurwa agamije kwiteza imbere, baka bamaze kugera ku iterambere rirambye bamaze kugura imirima ibiri ifite agaciro ka miliyoni zisaga eshatu ndetse n'inzu y'agaciro ka miliyoni enye.

Yagize ati: "Ubuvumvu butuma tubona amafaranga adutunga dukuramo ayo kubaka, kwishyurira abana ishuri n'ibindi, gusa nanone kugira ngo tugere kuri biriya byose ni uko twagiye mu matsinda yo kwizigamira ndetse byaradutinyuye dukorana n'ibigo by'imari, ubu



Iradukunda ni umuvumvu wabigize umwuga

dufite n'inka iduha ifumbire n'amata kandi ntabwo naburamo ibihumbi 600 nyigurishije. Ubuvumvu ni umwuga uha umuntu icyubahiro n'agaciro."

Iradukunda asaba abakobwa n'urubyiruko muri rusange kutagaya uyu mwuga no kudatinya gukora imirimo isanzwe ifatwa nk'iy'abagabo.

Ati: "Nta muntu utabishobora, icyangombwa ni ugutangirira ku bike ufite. Ubuvumvu ni umwuga utanga amafaranga kandi ugirira akamaro ibidukikije. Ubu twagize ubushobozi bwo kubaka urugo, kugura imirima no kwishakira ibyiza by'ejo hazaza, urumva ko nta kindi gishoro twatangiriyeho uretse inzuki kandi kuzitaho ntibigoranye."

Abaturanyi be bamufata nk'umugore uzi gukora cyane kuko yababereye icyitegererezo cy'umukobwa wiyemeje gukora adategereje ko abandi bamufasha.

Mukandayisenga Espérance, umwe mu baturanyi be, avuga ko amaze kugura imizinga 2 abikomoye ku nama za Iradukunda,

Yagize ati: "Twese twashimishijwe kandi duhumurwa n'uko Iradukunda yakoze ibintu twari tuzi ko bikorwa n'abagabo gusa. Yaduhaye icyizere ko n'abakobwa bashobora gutera imbere binyuze mu bushobozi bwabo, none natwe ubu twiyemeje ko nibura mu rugo rwacu uko dutuye twagira nibura umuzinga umwe."

Dominic Mvunabandi, umukozi wa Komisiyo y'Igihugu ikorana na UNESCO nayo ikaba ishyigikira amatsinda y'abagore bakora ubuvumvu mu Karere ka Rutsiro, ashimira ubwitange bwa Iradukunda n'abandi bagore mu guteza imbere uyu mwuga.

Yagize ati: "Iradukunda ni urugero rwiza rw'uko ubuvumvu bushobora guhindura ubuzima. UNESCO ifasha abagore kubona ibikoresho n'amahugurwa kugira ngo ibikorwa byabo birusheho gutanga umusaruro, kandi tubona ko benshi muri bo biteza imbere ndetse bagafasha n'abo bashakanye muri rusange imiryango yabo."

Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Uwizeyimana Emmanuel, avuga ko ubuvumvu ari umwuga ufite amahirwe mu karere, cyane mu kongera ubukungu bw'ingo no kubungabunga ibidukikije.

Yagize ati: "Abagore nka Iradukunda batanga icyizere cy'uko ubuvumvu bushobora kuba isoko y'iterambere mu byaro. Turasaba urubyiruko kudatinya gukora uyu mwuga, kandi ubuyobozi buzakomeza gufatanya na UNESCO mu kubongerera ubushobozi no kubafasha gushaka amasoko y'umusaruro wabo."

Mu Karere ka Rutsiro, ubu abavumvu barenga 400 bibumbiye mu matsinda arenga 25, harimo ay'abagore n'urubyiruko, bakorera ubuki bugurishwa mu Turere dutandukanye nka Rutsiro, Karongi, Rubavu na Nyabihu, ndetse na Kigali bigatuma babona amafaranga yo kubaka, kwishyurira abana ishuri no kwizigamira.

Ubuyobozi buvuga ko buri wese ushaka kwinjira muri uyu mwuga ahabwa amahirwe yo guhugurwa, kubona ibikoresho n'amahugurwa y'ukuntu ubuvumvu bushobora gutera imbere.

# Musanze: Babangamiwe n'insoresore bise abakaceri zibambura

NGABOYABAHIZI PROTAIS

***Bamwe mu baturage bo mu Murenge wa Muhoza, Akagari ka Ruhengeri, muri santere y'ubucuruzi izwi ku izina rya Baramujyanye iherereye mu Mudugudu wa Buhoro, bavuga ko bamaze iminsi babangamiwe n'itsinda ry'insoresore bise abakaceri, ribacuza utwabo mu masaha ya nimugoroba no mu rukerera.***

Aba baturage bavuga ko ibyo bikorwa bibatera impungenge mu ngendo zabo, ndetse bigatuma bamwe batinya gukora imirimo y'ubucuruzi cyangwa ubundi bushabitsi mu masaha y'ijoro.

Umwe mu bacuruzi ukorera muri iyo santere yagize ati: "Iyo tugeze nka saa mbiri cyangwa saa tatu z'ijoro, ntituba tugifite amahoro. Hari abo twabonye bafashwe n'izo nsoresore zibambura amafaranga n'ibindi bintu byabo. dutinya gutaha dutinze, ngo batadukubitira mu nzira cyangwa bakatwambura ayo twakoreye."

Abaturage basaba ubuyobozi gukaza ingamba z'umutekano no gukurikirana zimwe mu nsoresore zibyukira mu kabari zinywa inzoga rimwe na rimwe z'inkorano harimo iyitwa Muri-



Kuri Baramujyanye ngo kunywa mu masaha y'akazi bituma urubyiruko rudakora n'imugiroba rujya kwambura

KOMEZA KU RUP.17





## Musanze: Babangamiwe n'insoresore bise abakaceri zibambura

IBIKURIKIRA URUP.16

ture, inzoga zo mu mashashi zo mu bwoko bwa suzi, cheef warage na kanyanga nyirizina iba muri iyi santere ya Baramujyanye, kandi izo nsoresore zikanywa inzoga mu masaha y'akazi, aho bakeka ko ari ho haturuka bamwe muri abo bise abakaceri.

Umwe mu bagore bo mu nkengero za Santere ya Baramujyanye yagize ati: "Ndi umwe mu bambuwe ibyo nari mvuye kurangura, mbijyanye mu mujyi wa Musanze, banyambuye igitebo cya avoka n'amafaranga ibihumbi 8, hiyongeraho na telefone yanjye, ikibabaje rero nka twe abagore iyo batagusanganye amafaranga nko muri iyi mibyuko y'ibigori bagufata ku ngufu, dukeneye gutabarwa".

Umuvugizi wa Polisi mu Ntara y'Amajyaruguru, IP Ignace Ngirabakunzi, avuga ko iki kibazo Polisi itari ikizi, kuko nta kirego na kimwe yari yakira. Gusa, avuga ko bagiye guhagurukira iki kibazo no gukaza ibikorwa byo kugenzura kariya gace, cyane cyane mu masaha ya nimugoroba no mu rukerera.

Yagize ati: "Tugiye kugenzura ibyo abaturage bavuga, kandi tuzakaza ibikorwa by'umutekano muri ako gace. Ariko nanone turasaba abaturage kutihanganira ibikorwa nk'ibi, ahubwo bakihutira kubimenyesha inzego z'umutekano kugira ngo dufatanye kubirwanya hakiri kare."

IP Ngirabakunzi yasabye abaturage gukomeza gutanga amakuru ku gihe, kugira ngo ubufatanye hagati ya Polisi n'abaturage burusheho gutuma umutekano uramba muri ako gace no mu mujyi wa Musanze muri rusange.

Akarere ka Musanze ni kamwe mu turangwamo inzoga nyinshi zizwi nk'inkorano aho zifite amoko asaga 10 bazita bitewe n'ingaruka zigira kuri bamwe mu bazikoresha.

# Ngororero: Abayobozi b'ibigo by'amashuri bashishikarijwe kwita ku micungire y'ibigo



Kugaburira abana ku ishuri byagabanyije umubare w'abaritaga

NYIRANEZA Judith

***Inzego zitandukanye mu Karere ka Ngororero zaganiriye ku ngingo zitandukanye, ku kijyanye n'abana bata ishuri, abayobozi bashishikarizwa kurushaho kwita ku bana bata ishuri.***

Byagarutsweho ku wa Gatanu tariki ya 7 Ugushyingo, mu nama yibanze ku buyobozi n'imicungire y'amashuri mu Karere ka Ngororero, havugwa ku mpamvu abana bata ishuri n'uburyo zarandurwa burundu; kugaburira abana ku mashuri, imicungire y'ububiko bw'ibyo kurya n'ubuziranenge bwabyo.

Mu kungurana ibitekerezo, byagaragaye ko guta ushuri kw'abana biterwa n'ukutita ku kazi kwa bamwe mu bayobozi b'ishuri kuko ngo niba umuyobozi w'ikigo cy'ishuri runaka azi Isibo, Umudugudu. Akagari, Umurenge umwana akomokamo ntiyagombye kuva mu ishuri ngo birangirire aho. Yakagombye gushakishwa agasubira mu ishuri

Umwe yagize ati: "Muri rusange byagaragaye ko guta ishuri kw'abana biterwa n'ukutita ku kazi kwa bamwe mu bayobozi b'ishuri kuko ngo niba umuyobozi w'ikigo cy'ushuri runaka azi Isibo, Umudugudu. Akagari, Umurenge umwana akomokamo ntiyagombye kuva mu ishuri ngo birangirire aho. Yakagombye gushakishwa agasubira mu ishuri."

Nyuma yo kungurana ibitekerezo hakurikiyeho gusura bimwe mu bigo by'amashuri, hagenzuwe ububiko n'ubuziranenge bw'ibiribwa ndetse haganirijwe abanyeshuri ku myigire, ubumwe bw'Abanyarwanda, gukunda Igihugu no kugikorera.

Ku bijyanye n'ububiko bw'ibiribwa hari aho usanga bifashwe nabi byarajemo imungu (ibishyimbo) cyangwa byararengeje igihe (kawunga) n'ibindi.

Ku byerekeye imicungire hari aho usanga itanoze, hakaba hagomba kuba komite igizwe n'umuyobozi w'ishuri, umucungamutungo, ababyeyi 2 (umugore, n'umugabo), abalimu (umugabo n'umugore), abanyeshuli (ibitsina byombi) n'ukuriye abatetsi.

Buri kigo kigomba kugaragaza ubusitani bw'imboga zunganira kawunga, umuceri n'ibishyimbo n'ibindi ndetse n'ubworozi bw'amatungo magufi n'amanini, amagi akaboneka mu ifunguro ry'umunyeshuri.

Abari mu nama bavuze ko nta mbogamizi zagombye kubaho kuko Leta y'u Rwanda yashyizeho uburyo bushoboka bwo gutuma abana babona ifunguro ku shuri. Kutagaburira abana ku ishuri byafatwa nko kutita ku nshingano no kudatanga umusanzu mu kubaka uburezi bufite ireme ryifuzwa.

Gahunda yo kugaburira abana ku ishuri yagabanyije guta ishuri kw'abana, imitsindire irazamuka.

Zimwe mu ngamba zafashwe harimo ko abayobozi b'amashuri bagomba kwita ku nshingano zabo ntihagire izo basunikira abarimu kubera ubushobozi n'ubumenyi bidahagije nko mu bijyanye n'ikoranabuhanga, buri kigo kigomba kugira komite yuzuye kandi ikora neza ijyanye no gucunga ibiribwa by'abanyeshuri.

Ku bijyanye n'ubumwe bw'Abanyarwanda, gukunda Igihugu no kugikorera, Umuyobozi w'Inkeragutabara mu Ntara y'Iburengerazuba Brigadier General Albert Rugambwa yibukije ko bigomba guhoraho.

Ati: "Gukomera ku bumwe bwacu, kureba kure, kubazwa ibyo dukora bigomba kuba isengesho rya buri wese."

Abayobozi b'ibigo by'amashuri, bashimye inama bagiriwe, bavuga ko bagiye kongera ikibatsi mu micungire y'ibigo by'amashuri.

Iyo nama yarimo Umuyobozi w'Akarere Bwana NKUSI Christophe Umuyobozi w'Inkeragutabara mu Ntara y'Iburengerazuba Brigadier General Albert Rugambwa Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage, Mukunduhirwe Benjamine, abakozi bo mw'ishami ry'uburezi, abayobozi b'ibigo by'amashuri n'abagenzuzi b'uburezi mu Mirenge.

# Umuhanzi Kitoko yageze mu Rwanda atangaza ko yari akumbuye abafana be

MUTETERAZINA Shifah

***Umuhanzi Kitoko Bibarwa uri mu bakoze ku marangamutima y'abakunzi b'umuziki mu Rwanda yageze mu Rwanda aho avuga ko yari akumbuye gutaramira abafana be.***

Yageze ku kibuga cy'indege mpuzamahanga cya Kigali i Kanombe ahagana saa moya zo mu gitondo cyo kuri iki Cyumweru tariki 09 Ugushyingo 2025, yakirwa n'itangazamakuru na bamwe bo mu muryango we ndetse n'umwe mu nshuti ze cyane Kamayirese Jean d'Amour.

Mu kiganiro yagiranye n'itangazamakuru, Kitoko yavuze ko yishimiye kuza bwa mbere n'indege ya RwandaAir by'umwihariko serivisi nziza yabonanye iyi sosiyete y'ubwikorezi bwo mu kirere.

Yagize ati: "Si ndibuvuge byinshi kubera amarangamutima ariko nanyuzwe cyane n'uko banyakiriye nahawe serivisi nziza cyane na RwandaAir."

Ubwo yari abajijwe icyo yari akumbuye mu Rwanda, Kitoko yavuze ko yari akumbuye abantu.

Ati: "Narinkumbuye abantu, umuziki kuririmba ndirimbira imbaga y'abantu benshi n'utundi tuntu dutandukanye.

Mu kanya bampaye amazi, mpita nibuka ibintu byinshi mbona ko hari ibyo nkumbuye bimwe ntanazi."

Kitoko uvuga ko akumbuye gutaramira imbere y'abakunzi b'umuziki we by'umwuhariko ku ivuko avuga ko ari nk'umugisha kuba azahita atarama mu gitaramo cya Davido giteganyijwe tariki 05 Ukuboza 2025, kandi yiteguye kubataramira.

Kitoko yerekeje mu Bwongereza ku wa 29 Werurwe 2013 ku mpamvu z'amasomo ya Kaminuza. Yaje kugaruka mu Rwanda tariki 12 Nyakanga 2017 azanywe no gutanga umusanzu we mu kwamamaza Perezida Kagame mu matora yabaye muri uwo mwaka.

Kitoko yakunzwe anamenyekana mu ndirimbo nka Rurabo, Ikiragi, Agakecuru, Mama n'izindi zakunzwe n'abatari bake."



**Umuhanzi Kitoko yasesekaye mu Rwanda mu gitondo cyo kuri iki Cyumweru tariki ya 9 Ugushyingo 2025**

# Pamella wa The Ben yatangiye imyitozo ngororamubiri nyuma yo kubyara

MUTETERAZINA Shifah

***Umugore w'Umuhanzi The Ben, Uwicyeza Pamella yagaragaje ko yatangiye imyitozo ngororamubiri nyuma y'igihe cy'amezi umunani, bibarutse imfura.***

Birasanzwe ko akenshi iyo abagore bamaze kubyara imiterere yabo ihinduka ndetse abenshi bikabagora kuba basubira uko bahoze bateye mbere yo gutwita no kubyara ariko kandi hari bake bashobora kurwana iyo ntambara nubwo abenshi muri bo bakunze kuvuga ko biba bitoroshye.

Abinyujije kuri Instagram ye Uwicyeza yagaragaje agace k'amashusho arimo guterura akuma gato.



**Pamella yagaragaye akora imyitozo ngororamubiri**

Yabiherekesheje amagambo agara ati: "Ntabwo byoroshye nk'uko mubibona."

The Ben na Pamella bibarutse imfura yabo, mu ijoro ryo ku wa 18 Werurwe 2025, avukira mu Mujyi wa Bruxelles mu Bubiligi.

Gahunda y'imyitozo irinda impinduka z'umubiri nyuma yo kubyara si Uwicyeza wenyine uyiyobotse kuko ayitangiye nyuma y'ibyamamare bitandukanye byabigize umuco barimo na Butera Knowless wigeze kugaragara na we ayikora.

Mu biganiro bitandukanye yagiye akora umuhanzikazi Butera Knowless yavuze ko ibanga akoresha kugira ngo akomeze kugira imiterere myiza (atembe itoto) ari ukwitwararika no gukora imyitozo ngororamubiri ndetse no kurangwa n'ikinyabupfura mu mirire.

Abahanga mu by'ubuvuzi bavuga ko gukora imyitozo ngororamubiri nyuma yo kubyara bishobora gufasha umubyeyi kugarura imbaraga z'umubiri, gusubirana imbaraga z'imikaya no kongera ingufu.

Bakomeza bagaragaza ko harimo no kunoza ibyiyumvo by'umubyeyi ndetse binafasha kugabanya ibiro, bikanatuma umubyeyi asinzira neza, kuko bimufasha kugabanya umunaniro no kwirinda indwara y'agahinda gakabije kibasira abagore nyuma yo kubyara.

Gusa nanone bakavuga ko ari ngombwa gutangira buhoro no kugisha inama muganga mbere yo gutangira gahunda nshya y'imyitozo ngororamubiri.

The Ben yasezeranye imbere y'amategeko na Uwicyeza Pamella ku wa 31 Ukwakira 2022, nyuma y'ibirori byabaye mu Ukwakira 2021, ubwo yamwambikaga impeta y'urukundo bakemeranya kubana akaramata.





# Manchester City yatsinze Liverpool ikomeza gusatira Arsenal

SHEMA Ivan

***Manchester City yatsinze Liverpool ibitego 3-0 mu mukino w'umunsi wa 11 wa Shampiyona y'u Bwongereza (Premier League) wabaye ku Cyumweru, tariki 9 Ugushyingo 2025 kuri Ethihad Stadium.***

Wari umukino ukomeye cyane kuko amakipe yombi aho buri kipe yifuzaga gutsinda kugira ngo igabanye ikinyuranyo cy'amanota kiri hagati yayo ya Arsenal ya mbere.

Manchester City yari imbere y'abafana bayo ni yo yatangiye neza uyu mukino isatira bidatinze ku munota wa 9 Jeremy Doku yinjiranye umupira mu rubuga rw'amahina acenga ba myugariro ba Liverpool agiye kuwushyira mu izamu ategwa n'umunyezamu Giorgi Mamardashvill VAR yemeza ko ari penaliti.

Iyi penaliti yatewe na Erling Haaland ikurwamo neza n'umunyezamu Mamardashvill.

Iyi kipe yakomeje gusatira cyane izamu rya Liverpool yagaragazaga imbaraga nke byatumaga no guhererekanya umupira inshuro ebyiri biyigora.

Ku munota wa 25, Jeremy Doku wari wagoye cyane ubwugarizi bwa Liverpool yongeye kuzamukana umupira ku ruhande rw'ibumoso ateye ishoti umupira ushyirwa muri konuneri n'umunyezamu Mamardashvill.

Ku munota wa 29, Manchester City yafunguye amazamu ku mupira mwiza wahinduwe na Matheus Nunes usanga Erling Haaland wari uhagaze neza awutsindisha umutwe ujya mu rushundura.

Nyuma yo gutsindwa igitego, Liverpool yatangiye kwinjira mu mukino itangira kurema uburyo bwo gutsinda igitego cyo kwishyura.

Ku munota wa 38, iyi kipe yibwiraga ko yabonye igitego cyo kwishyura ku mupira wari uvuye muri koruneri yatewe na Mohammed Salah, umupira usanga Virgil Van Dijk wari uhagaze neza awushyira mu izamu ariko Umusifuzi wo ku ruhande yemeza ko hari mugenzi we wari wararariye.

Mbere y'uko igice cya mbere kirangira umusifuzi wa kane yongeyeho iminota irindwi y'inyongera.

Ku munota wa 45+3, Manchester City yatsinze igitego cya kabiri cyinjijwe na Nico Gonzalez ku ishoti rikomeye yateye ari hanze y'urubuga rw'amahina umunyezamu ananirwa kuwukuraho ujya mu izamu.

Igice cya mbere cyarangiye Manchester City yatsinze Liverpool ibitego 2-0.

Mu igice cya kabiri, Liverpool yatangiranye imbaraga nyinshi ishaka uburyo yakwishyura ibitego bibiri yari yatsinzwe ndetse ibona koruneri ebyiri zikurikiranya ariko bananirwa kuzibyaza umusaruro.

Ku munota wa 63, Manchester City yatsinze igitego cya gatatu ku mupira Nico O'Reilly yahaye Jeremy Doku ari inyuma y'urubuga rw'amahina aracenga ahita atera ishoti rikomeye umupira uruhukira mu rushundura.

Ku munota wa 75, Dominik Szoboszlai wa Liverpool yabonye amahirwe yo kwishyura igitego kimwe muri bitatu ku ishoti rikomeye yateye ari hanze y'urubuga rw'amahina umupira ushyirwa muri koruneri n'umunyezamu Gianluigi Donnaruma.

Iminota 10 ya nyuma y'umukino, amakipe yombi yasatiranye cyane ariko Habura ubyaza amasaruro amahirwe babonaga imbere y'izamu.

Umukino warangiye Manchester City yatsinze Liverpool ibitego 3-0, iguma ku mwanya wa kabiri n'amanota 22 irushwa na Arsenal ya mbere amanota ane.

Ni mu gihe Liverpool yagumye ku mwanya wa munani n'amanota 18.

Indi mikino yabaye Kuri iki Cyumweru, Aston Villa yanyagiye AFC Bournemouth ibitego 4-0, Brentford Itsinda Newcastle United ibitego 3-1, Cyrstal Palace yanganyije na Brighton 0-0 naho Nottingham Forest yatsinze Leeds United ibitego 3-1.


Shampiyona y'u Bwongereza izongera gukomeza ku wa 22 Ugushyingo 2025, nyuma y'akaruhuko k'imikino y'amakipe y'ibihugu.



**Giorgi Mamardashvill yishimira gukuramo Penaliti ya Erling Haaland**




**Nico Gonz6lez yishimira igitego cya kabiri yatsinze**



**Ubwo Erling Haaland yafunguraga izamu ku munota wa 29**

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-38 TARIKI 4 - 10 UGUSHYINGO 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# APR FC yatsinze Rayon Sports mu mukino wayoroheye

SHEMA Ivan

***APR FC yatsinze Rayon Sports ibitego 3-0 mu mukino w'Umunsi wa karindwi wa Shampiyona yongera kubona intsinzi nyuma yo kuganya imikino ibiri iheruka.***



Mamadou Sy yishimira igitego cya gatatu yatsinze

Uyu mukino wabereye kuri Stade Amahoro, kuri uyu wa gatandatu, tariki ya 8 Ugushyingo 2025.

APR FC yari yakiriye umukino ni yo yatangiye isatira harimo uburyo bwo ku munota wa 5 ku mupira Dauda yacomekeyе Hakim Kiwanuka awinjirana mu rubuga rw'amahina agiye kuwutera urenzwa na Youssou Diagne ujya muri koruneri itagize icyo itanga.

Ku munota wa 20, umukino waranzwe n'amakosa menshi mu kibuga abakinnyi bakandagirana cyane.

Ku munota 22, Aziz Bassane yacomekewe umupira muremure ari wenyine, awuhinduye mu izamu ashaka Habimana Yves, ufatwa neza na Ishimwe Pierre.

Ku munota wa 26, Ruboneka Bosco yahaye umupira Dauda, na we acomekera Mugisha Gilbert uteye ishoti, Serumogo Ali aritambika, umupira ujya muri koruneri.

Iyi koruneri yatewe neza na Ruboneka Jean Bosco umupira usanga Ronald Ssekiganda awushyira ku mutwe ujya mu rushundura.

Ku munota wa 37, William Togui yatsinze igitego cya kabiri cya APR FC ku mupira wari uvuye ku ruhande rw'ibumoso utewe na Hakim Kiwanuka, ukurwamo n'umunyezamu na Pavelh Ndzila, usanga uyu Rutahizamu wo muri Cote d'Ivoire ahita awuboneza mu izamu.

Igice cya mbere cyarangiye APR FC yatsinze Rayon Sports ibitego 2-0

Mu gice cya kabiri, Rayon Sports yatangiranye impinduka ebyiri Ishimwe Fiston, Rushema Chris na Tony Kitoga basimbura Habimana Yves, Serumogo Ali na Niyonzima Olivier 'Seif'.

Muri iki gice, umukino wagabanyije umuvuduko umupira utangira gukinirwa cyane mu kibuga hagati nta kipe n'imwe irema uburyo bw'igitego.

Ku munota 66, Umutoza wa APR FC yakoze impinduka Denis Omedi na Mamadou Sy basimbura Mugisha Gilbert na William Togui.

Ku munota wa 70, APR FC yahushije amahirwe yo gutsinda igitego cya gatatu ku mupira watakajwe na Pavelh Ndzila ufatwa na Mamadou Sy, awuteye ugonga igiti cy'izamu mbere y'uko Kabange awushyira muri koruneri itagize ikivamo.

Mbere y'uko umukino urangira umusifuzi wa kane yongeyeho iminota itanu y'inyongera.



Ibyishimo byari byinshi ku bakinnyi ba APR FC batsinda Rayon Sports ibitego 3-0

Ku munota wa 90'+3 'APR FC yatsinze igitego cya gatatu ku mupira Mamadou Sy yacomekewe umupira acenga Umunyezamu Paveld Ndzila, ahita awushyira mu izamu abanje guhagurutsa abafana.

Umukino warangiye APR FC yatsinze Rayon Sports ibitego 3-0, iba intsinzi ya kabiri yikurikiranya ibonye imbere Rayon Sports mu mikino itandatu iheruka guhuza impande zombi.

Gutsinda uyu mukino byatumye APR FC ifata umwanya wa gatanu n'amanota 11 mu mikino itanu yakinnye naho Rayon Sports yagumye ku mwanya wa kabiri n'amanota 13.

Iyi kipe irushwa amanota atandatu na Police FC ya mbere.

Indi mikino yabaye uyu munsi, Musanze FC yatsinze Gicumbi FC ibitego 3-2, AS Muhanga yatsinzwe na Marines ibitego 2-0, Etincelles yanganyijе na Rutsiro FC 0-0, Gorilla FC yatsinzwe n'Amagaju FC igitego 1-0 naho Mukura VS yatsinzwe na Gasogi United ibitego 2-0.

Umunsi wa Karindwi uzasozwa ku Cyumweru tariki ya 9 Ugushyingo 2025.

Kiyovu Sports vs Bugesera FC saa cyenda

Abakinnyi babanje mu kibuga hagati y'impande zombi.

APR FC

Ishimwe Pierre, Byiringiro Jean Gilbert, Niyomugabo Claude (C), Yunusu Nshimiyimana, Niyigena Clément, Ronald Ssekiganda, Jean Bosco Ruboneka, DaDauda Yusif, Hakim Kiwanuka, Mugisha Gilbert na William Togui.

Rayon Sports

Pavelh Ndzila, Serumogo Ali, Musore Prince, Youssou Diagne, Emmanuel Nshimiyimana, Richard Ndayishimiye, Seif Niyonzima, Abedi Bigirimana, Yves Habimana,Tambwe Gloire na Bassane Aziz.